Monsieur le Président, ce sera ma dernière question. Qu'est-ce que Vous attendez du prochain Sommet, que sera-t-il exactement par rapport à l'ancien ?

Oh! Les dossiers ne sont pas encore ouverts puisque les techniciens ne se sont pas encore réunis. Les techniciens vont se réunir pour préparer le programme concret, lequel programme sera consacré et examiné à nouveau par les Ministres. Donc, je ne sais pas Vous dire le contenu du dossier, puisqu'il n'est pas encore ouvert. Ce que je peux Vous dire, c'est que j'ai espoir que ce Sommet (en tout cas c'est Notre volonté à trois), Nous voulons que ce Sommet apporte une pierre nouvelle à la solidité de Notre Communauté. Nous avons tracé un programme à Gisenyi lors du dernier Sommet, Nous voulons que ce programme soit exécuté, et que les retards éventuels qui seraient dus aux difficultés que Nous avons connues dans la Région, que ces retards puissent être rattrapés. Voilà ce que Nous allons faire à LUBUMBASHI: solidifier Notre Communauté et faire exécuter le programme arrêté.

Je Vous remercie, Monsieur le Président!

imbaraga n'ibitekerezo mu gikorwa icyo ali cyo cyose cy'amajyambere, bituma imilimo inanirana, ikadindira, n'ibintu kandi bigapfa ubusa. Inzego za politiki n'iz'ubutegetsi zigomba rero gutuma imbaraga zose zikoreshwa kandi zihulizwa hamwe. Kwongera umusaruro bigomba kuba intego ya mbere. Ni ngombwa rero guteganya no guhuza ubulyo bwo kugera kuli iyo ntego.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Ibikorwa byagezweho muli iyi myaka 5 ishize, tubikesha ubwitonzi bwanyu. Mwumvise icyifuzo cyacu cyo guharanira amahoro, ubumwe n'ubwumvikane mu Gihugu. Ku misozi yacu, mu makomini yacu no ku mipaka yacu yose, umutekano wabaye wose. Ayo mahoro n'uwo mutekano mwagize, Ingabo z'u Rwanda zabibafashijemo.

Ingabo z'u Rwanda, zabaye inyangamugayo ntizasigara inyuma mu gutsura amajyambere. Dushaka ko zagira disiplini

DISKURU-PROGRAMU YO KUWA 8 MUTARAMA 1979

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Iminsi mikuru y'ubunani ihuliranye n'ibikorwa bikomeye bya politiki mu Gihugu cyacu.

Abanyarwanda tumaze kwemeza Itegeko-Nshinga lishya dukoresheje référendum, no gutora Umukuru w'Igihugu. Mbanje gushimira rero ba Militantes na ba Militants bose ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, kubera ko bemeye Itegeko-Nshinga lyacu ali benshi kandi bakaba baranyeretse ko banshyigikiye byimazeyo. Ibyishimo mfite ubu, amagambo yonyine ntahagije kugira ngo abisobanure.

Ubwo ino muli Shaba rero hali benshi namusabye kuzajya aza nka gatatu, nka kane mu mwaka; ni ukuvuga limwe mu mezi atatu, akaza kubasura, mukaganira, akareba ibibazo mufite, ibyo ashobora kubasubiza akabisubiza, ibyo adashoboye kubasubiza akabitwandikira kugira ngo turebere hamwe n'abategetsi banyu, ali abo muli GECAMINES, ali abo muli Administration nyine ya Zayire, kugira ngo tubirebere hamwe. Ubwo rero azajya abasura uko amezi atatu ahise. Azajya agomba kuza kubasura, nataza kubasura mujye mumwandikira mumwibutse muti: « Ni amategeko wabonye kuki utaza?»

Maze rero nkabasaba gukomeza ubutwali mufite, nkabasaba cyane cyane kwubaha no gukomeza kwumvira Prezida Mobutu niwe ubatunze, niwe ubaha ikibabeshejeho gitunze ingo zanyu, mukubaha abategetsi ba GECAMINES, kuko ibyo bibazo byose murumva ko u Rwanda rutabishobora kandi mukora hano muli Zayire. Tuzajya tubishobora dufatanije n'abategetsi ba GECAMINES, dufatanije n'abategetsi b'Administration Zaïroise, kugira ngo byose tubishakire hamwe. Ubwo rero mutabubashye, batabonye ko ali abantu mwizeye koko, nabo ngo mubagilire ubwo bwizere, murumva ko ibibazo bimwe bitabonerwa ibisubizo. Aliko bambwiye ko muli abantu bazi kubana na bagenzi banyu bo muli Zayire, ni nacyo cyatumye ibyabaye, amahane yose yabaye ino muli Shaba, ibyinshi Abanyarwanda batagiye babijyamo cyane. Ibyo rero barabibashimira cyane.

Ahasigaye rero ubwo tuzabatahiliza abasigaye mu Rwanda abavandimwe banyu, ababyeyi, abana mwasize, tuzababwira ko mumeze neza, ko ibibazo mufite twageraageje kubyiga, ibyo twashoboye tukazabisubiza, ibyo tudashoboye nabyo tukazabyiga buhoro buhoro. Maze nagira ngo mbashimire ubu ngiye kugenda, ejo tugafata urugendo dusubira mu Rwanda. Biranshimishije kuba nabamenye namwe ubwo mumenye, mwambonye, ahasigaye rero ibibazo biliho ni ukuzajya mubibwira abo ngabo bazajye baza kubasura, kugira ngo twese dushakire hamwe. Na Ambasaderi kandi azajye abasobanulira amatwara ali mu Rwanda kuli iki gihe. Bamwe ngo bamaze imyaka mirongo itatu bavuye yo. Icyo gihe mu myaka mirongo itatu rero abategekaga ni ba Rudahigwa, nyuma ya Rudahigwa haje abandi ba Parmehutu, hanyuma Parmehutu nayo tubona ko amatwara yayo atangiye gusaza

IKIGANIRO UMUNYAMAKURU YAGIRANYE NA NYAKUBAHWA PREZIDA WA REPUBLIKA, KU ITALIKI YA 3 UGUSHYINGO 1979, IGIHE TWIBUKAGA UMUNSI W'IGITI

Umunyamakuru wa Radio Rwanda yagiranye ikiganiro na Prezida wa Republika amusaba kwibutsa Abanyarwanda akamaro k'umunsi w'igiti.

Prezida wa Republika: Ubundi twashyizeho umunsi w'igiti dushaka kwumvisha Abanyarwanda akamaro k'igiti, aliko ubundi icyo giti ntawacyitaho umunsi umwe gusa. Ahubwo dushaka ko nk'ubungubu imvura iguye Abanyarwanda benshi bakwihatira gutera ibiti igihe imvura ikiliho, kandi nk'uko mwabisobanuliwe bihagije muli Radio, bagitera ahantu hadashobora kwera indi myaka. Niyo mpamvu nasabye Ministre Nzamurambaho ko yabwira abakozi ba Leta n'abandi ba Cellules spécialisées ko twakora Umuganda dutera ibiti kuli uyu musozi, warangira tugafata n'undi. Nkaba mboneyeho kandi gusaba abakozi, cyane cyane ababayobora, ko bakwiyumvisha Umuganda icyo alicyo koko, kuko birababaje nawe warabibonye, ibyo mu minsi ishize, nk'igishanga twajyagamo hilya haliya wasangaga abantu bilirwa bicaye, haje mbarwa n'abaje bakilirwa bicaye. Kandi ikibabaje cyane ni uko abakuru babo ba Secrétaires généraux, na ba Ministres bamwe na ba Directeurs Généraux, usanga alibo basibye cyane. Na none bavuga ko baba bafite akazi kenshi mu biro, aliko twasabye ko limwe mu cyumweru ako kazi twagafunga, twakabika tukajya kureba niba ibyo dukora mu biro bihwanye n'ibyo twifuza ku misozi koko. Tugafasha abandi Baturage kuzamura Igihugu; duhinga, duharura imihanda, twubaka amazu kimwe nabo. Nkaba nsabye, rero abo nabibasabye kera (ubwo uli buze kumfasha kwongera kubasobanulira) ko abakuru batanga urugero kubo bayobora, kubo hasi ntidusange umupulanto aliwe ukora Umuganda, umudiregiteri jenerali amuhagalikiye. Byaba

ali nk'ibya kera bya sushefu, yazaga agahagalikira umuhutu wahingaga.

Twali dufite akamenyero ko mukunda gutera ibiti bitatu: kimwe kiranga Ubumwe, ikindi cy'Amahoro, n'ikindi cy'Amajyambere. Uyu munsi nabonye mwateye byinshi, hali icyo mwaba mwifuza gusobanura kuli iyo geste mwakoze?

Oya ntacyo nifuza. Ibiti bitatu nabiteye nyine: icy'Ubumwe, Amahoro n'Amajyambere. Gusa nali mfite imigambi yo gutera byinshi, nuko bibaye bike. Imvura wabonye ko yatubujije kuzana ibiti byinshi ahangaha, amamodoka yabuze aho anyura kugira ngo azane ibiti byinshi. Nali mfite umugambi wo gukora igihe kirekire, kugira ngo ntere ibiti byinshi. Aliko icyo kimenyetso cy'ibiti bitatu nakirangije. Gusa nashakaga gutera n'ibindi.

Ndabashimye Nyakubahwa Prezida!

Gushaka ayo mafranga rero, ni ngombwa kugira ngo tuzamuke. Aliko kuyirukira ukayagira nk'Imana byatuma agukoresha ibibi byinshi, kwiba cyane cyane igihe ushinzwe cyo gukorera Igihugu no kwibagirwa abandi, ali byo bibyara inzangano.

Ba Nyakubahwa Muhagaraliye Ibihugu byanyu mu Rwanda,

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Umunsi mukuru nk'uyu ntuba ugamije rero kurata ingufu n'intwaro ahubwo uba ugamije kwerekana ko abaturage bifuza kubaho, mu mahoro no mu bwigenge. Intwaro zikomeye ni ngombwa kugira ngo barengere Igihugu; aliko intwaro ya mbere ni amaboko ya buli Munyarwanda; intwaro y'ukuli, intwaro idashobora gutsindwa ni ubumwe bwacu, ni ugushyira hamwe muli byose. Amahoro ni ikintu cyiza duhora twifuliza abaturage bacu, Ibihugu by'incuti duturanye, n'abaturage b'Isi yose. Turashaka amahoro nyayo mu Gihugu cyacu no mu baturanyi bacu, nk'uko na bo bayatwifuliza. Tulifuza ko abashyamiranye ku Isi bafasha intwaro hasi, bakiyunga bakajya inama, bakigorora.

Amahoro y'ukuli ni ashingiye ku burenganzira bwa buli muntu mu Gihugu cye no ku mubano mwiza hagati y'Ibihugu. Niyo mpamvu dushyigikiye byimazeyo abitanga kugira ngo ubwo burenganzira buganze mu Isi hose. Twibuke amagambo Nyirubutungane Papa aherutse kuvugira mu Nteko Nkuru y'Umulyango w'Abibumbye: «Abantu ntibakwiye gushyamirana, ahubwo bakwiye kwisungana.»

Harakabaho Abanyarwanda n'Ingabo z'Igihugu,

Harakabaho Amahoro n'Ubutwererane hagati y'Ibihugu.

bw'abantu, aho gutegekesha cyangwa se gukoresha ubwoko bumwe gusa.

Abanyarwanda bose mu bwoko bwabo uko ali butatu, bagenewe kwubaka Igihugu cyabo. Ntidushobora kugarura ibitekerezo twarwanyaga ejobundi.

Mu byiza bya Revolisiyo yo muli 59 haje aliko kuzamo inzangano zisebya, zica kanaka kugira ngo utware utwe, zituma bamwe bafatwa nk'abanyamahanga mu Rwanda rwa twese.

Imigambi ya Republika ya II, n'iya Manifeste ya «Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda» yaje ibikosora. Iyo Manifeste iremeza iti: «Niyo mpamvu duciye burundu icyatanya Abatura-Rwanda cyangwa se kigashaka gusumbanya ubwoko cyangwa se umulyango, akarere n'amadini.» Iti: «Muvoma yacu idutegeka kurandura rwose ibisigisigi by'inzangano, no kurwanya guca uduce mu bantu, nk'uko byakunze kuboneka kuva kera hagati y'amoko y'u Rwanda uko ali atatu, no hagati y'uturere tw'Igihugu.»

Turatwama rero abakirata ubwoko bwabo, abo alibo bose. Turashaka ubumwe mu bwumvikane no mu bwizerane. Njye niyemeje gukunda Abanyarwanda bose, kubarwanira, no guharanira amahoro ya bose, kugira ngo twese tugere ku majyambere. Ni intego ntazatezukaho, kandi nzi ko muzamfasha kuyigeraho Ni yo demokarasi y'ukuli, ni yo ntego yo kwubahiliza ikiremwa muntu.

Ibibazo biracyali byinshi mu Rwanda rwacu. Nimufashe Leta kubonera ibisubizo ibyo Muvoma yacu itarashobora gusubiza.

Ingorane z'urubyiruko ziracyali nyinshi. Turebe icyaruzamura; dufashe abategetsi ba Prefegitura, abihaye Imana bamwe babyitayeho gutsura amajyambere y'urubyiruko mu byaro: muli za Coopératives n'ibindi. Bityo urubyiruko rureke kwirukira imigi cyangwa se ubucuruzi. U Rwanda ntiruzazamurwa n'ubucuruzi gusa. Twibutse kandi ko amajyambere atali ubukungu bw'amafranga gusa. Kuyagira ni ngombwa ibyo ndabibona. Aliko amajyambere nyakuli ni imizamukire y'umuntu mu nzego zose: kugira isuku ku mubili, aho utuye, kugira ubwiza bw'umubili, aliko cyane cyane kugira ubwiza bw'umutima.

Nimusubira mu Bihugu byanyu, muzatugereze ku bavandimwe indamutso yacu ya gicuti, ya kivandimwe kandi muzabatubwilire ko Abanyarwanda hamwe n'Ingabo z'Igihugu, twifatanyije nabo.

Ngo haracyali ikibazo cy'abahutu n'abatutsi, cyangwa se bamwe basa n'abashaka kwongera kukibyutsa. Kuli icyo kibazo nibwiraga ko ibyemezo bya Manifeste ya Muvoma yacu bisobanuye bihagije. Aliko ubwo hali abatabyumva, reka twibutsemo bimwe byerekeye izo ngingo. Abadutangiliye kubona icyo kibazo no kukirwanilira, ntibifuzaga ko amoko yasubiranamo, ahubwo bashakaga ko imitegekere y'u Rwanda rw'icyo gihe yahinduka maze ntishingire ku bwoko bumwe gusa. Tulibuka ko muli Manifeste y'Abahutu yo kuwa 24 Werurwe 1957, basabye ko «Abategetsi bataba abatutsi gusa», maze basaba ubutegetsi bw'abazungu gufasha rubanda rugufi rugizwe n'abahutu rwasuzugurwaga n'ubutegetsi bwaliho icyo gihe...» Basaba «gukuraho uburetwa » ahubwo bugasimburwa n'imilimo iteganywa n'amategeko kandi » izana amajyambere. Ibyo kandi bigatuma abaturage bishakira » imilimo yabagilira akamaro, maze abanebwe bakagenzurwa — » kwemera agaciro k'umutungo w'umuntu — ibikingi bigasimbu- » rwa n'ubutaka buhagije kuli buli muhinzi. Ko hashyirwaho iki- » gega gifasha imizamukire yo mu byaro, gifasha imizamukire » y'ubuhinzi n'indi myuga.» No gushyiraho uburenganzira bw'uko umuntu yavuga icyo atekereza ntacyo yishisha kuko ali lyo shingiro lya demokarasi.»

Muli politiki, banze ko ubutegetsi bwahalirwa ubwoko bumwe gusa, andi agahezwa, maze kugira ngo ubwo bwihalike bw'ubutegetsi bw'ubwoko bumwe bushire, basaba ko «amategeko y'Igihugu yakwandikwa» ko amoko yose yasangira ubutegetsi kandi abategetsi bagatorwa. Basabaga ko abahutu bashyirwa mu mashuli. Aliko kandi bemeza ko icyifuzo cyabo atali ukugira ngo basimbuze abahutu abatutsi mu butegetsi, ahubwo ali uko imbaga nyamwinshi yakwitabwaho kuli byose, aliko idaheje abandi ku byiza by'u Rwanda rwabo.

Ibyo twabibonye hagombye gukorwa Revolisiyo yacu yo muli 59. Twoye kwanduza imigambi y'abashakaga ubulinganire



«Ba Kaporali, Bajandarume namwe Basoda, Discipline, Ubumwe, ukwitangira Igihugu, ngibyo ibiranga Umusilikare nyakuli.»

mubitwereke koko. Bityo muzagumya kwitwa abana b'Igihugu bacyitangira.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Uyu munsi ntitwashatse kwerekana intwaro, cyangwa se ingufu z'Abasilikare b'u Rwanda, ahubwo ni umunsi tugomba kwiyongeramo umurego wo guharanira amahoro n'ubumwe. Maze buli wese yisuzume arebe icyo yakoze kugira ngo amahoro asakare mu Gihugu, n'ubumwe busabane mu Banyarwanda bose.

Ncuti mwavuye mu Bihugu by'abavandimwe,

Tunejejwe no kubakira hagati yacu, turabashimiye cyane mwebwe n'Abakuru b'Ibihugu babatumye. Byongeye kutwereka ubucuti n'ubuvandimwe buhuza abaturage b'Ibihugu byacu. Mutubwilire Abakuru b'Ibihugu muhagaraliye hano ko tubashima kandi tukabakunda byimazeyo. Turabifuliza kumererwa neza mu Gihugu cyacu. N'ubwo mwagira icyo mubona kitabatunganiye, twakoze uko dushoboye kugira ngo mumererwe neza mu gihe gito mugomba kumara hano.

inzangano, ntabwo ali ukurengera Igihugu ahubwo ni ukugisenya. Buli wese agomba kwiyumvisha ko imbaraga ze ali ngombwa kugira ngo we ubwe n'abandi bose bagire amahoro. Kulinda amahoro n'umutekano w'Abanyarwanda ntabwo ali iby'Abasilikali gusa, ahubwo bisaba ko, buli Munyarwanda mu rugo rwe, muli Cellule ye, muli Segiteri atuye, muli Komini imulinze kandi itume abaho, yatanga imbaraga ze zose, kugira ngo amajyambere agerweho. Igihugu ni umulyango ukeneye imbaraga za bose, mu nzego zose.

Ofisiye, Su-Ofisiye, ba Kaporali, Bajandarume, namwe Basoda b'Ingabo z'u Rwanda,

Mu myaka itandatu ishize Republika ya II ishinzwe, benshi muli mwe bakomeje kuba indakemwa. Abandi rero banze gukulikira inama zacu, baradohotse. Hali n'abandi bazatakara mu nzira y'amajyambere nibakomeza kuyoba. Aliko abashaka bose, kandi ni benshi, gukomeza mu murongo twatangiranye, mu mugambi twiyemeje kuwa 5 Nyakanga 1973, mu ntego ya Manifeste ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, aliyo: «Amahoro, Ubumwe, Amajyambere», abo bose turakomeza kubizera, nk'uko twizera Abanyarwanda bose, ali bo babyeyi banyu cyangwa abavandimwe banyu muharanira.

Mwizere rero ko tuzakomeza kubitaho igihe cyose mugaragaza icyifuzo cyanyu cyo kurushaho gukorera Igihugu. Igihugu gikora uko gishoboye kugira ngo kibahe ubulyo bwo kurangiza neza akazi kanyu. Kibatezeho rero umutima-nama, ubwitange butizigama mu kazi kanyu. Kibasaba mwese kwita ku Bavuka-Rwanda no kubakunda, kwitanga no kwumvira ababategeka, mutajijinganya, mutabanje kureba inyungu zanyu.

Ba Ofisiye, ndabasaba na none kuba hafi no kwita kubo mushinzwe. Murangwe n'urugero rwiza, na discipline. Abo mushinzwe mubabere urugero nyakuli. Ntimuzibagirwe na limwe ko ntawe uzamenyekanishwa n'uko akomoka mu karere aka n'aka, n'uko atunze byinshi cyangwa se aba mu matiku n'ubutiliganya, ahubwo mumenye buli gihe ko ibikorwa byiza muzaba mwakoze ali byo bizatuma mugira agaciro.

Bamwe rero muli mwe bitwaza ko bavuka aha n'aha, bakize se cyangwa bashoboye amatiku, bakwiye kureba ahandi bigira

bazi ko batazasabwa kuba inyangamugayo, gukunda akazi kabo no kwitanga, kwiyubaha no kwihatira gukora neza. Mwebwe n'abo muyobora muli abakozi b'Igihugu, umulimo wanyu ukaba utoroshye. Mwishimire umulimo wanyu, kandi muwubahilize. Nongeye gusaba abadohoka ku mulimo wabo kugaruka mu nzira igororotse, batararenguka. Mumenye mwese ko kutadohoka no kwihangana ali byo byonyine bizatuma murangiza neza umulimo wanyu.

Ba Su-Ofisiye, umulimo wanyu w'imena, mudashobora gusimburwamo, ni uwo guhuza ba Ofisiye babaha amategeko n'abo muyobora bagomba kuyakulikiza. Nta ngabo z'Igihugu zishobora kubaho mutaliho. N'Ingabo z'u Rwanda, aba mbere bamaze imyaka 19 gusa binjiyemo, zarabakeneye. Ntimugomba kwibagirwa ibikorwa bikomeye abababanjilije bakoreye Republika yali ikimara kuvuka. Mugomba gukulikiza urugero mwahawe n'abo bana b'Igihugu b'indakemwa. Ntimuzibagirwe akamaro k'umulimo wanyu wo gukangura no kuyobora abo mushinzwe. Nk'uko nabibwiye ba Ofisiye, nzakomeza gutera inkunga abeza kugira ngo bakomeze muli uwo murongo ugororotse, ndasaba abadohotse kugerageza kwikosora. Bityo, mugashobora kurangiza neza umulimo mwihitiyemo nta gahato.

Ba Kaporali, Bajandarume namwe Basoda,

Discipline, ubumwe, ukwitangilira Igihugu, ngibyo ibiranga umusilikare nyakuli. Ni ibyo mpora mbasaba kwicengezamo kugira ngo mubashe kurangiza neza umulimo wanyu. Akenshi inama mbagira mukunda kuzikulikiza. Ubwitonzi bwanyu buranshimisha. Abanyarwanda bahora babagaragaliza icyizere babafitiye kubera ukuntu muhora muli maso. Ndabibashimiye kandi nongeye kubasaba kugumana ubumwe n'ubuvandimwe mu kazi mushinzwe. Igihugu mwiyemeje gutabara ku rugamba kirabavunikira, nimugikorere nk'abana barezwe neza. Mumenye ko mudafite discipline, Igihugu kidashobora kwihanganira kubarekera mu Ngabo zacyo. Muhore muzilikana ko mugomba gutekereza igihe kizaza no guteza imbere ingo zanyu. Mwiyumvishe buli gihe ko umwanya mulimo, abasore benshi muhwanyije imbaraga, nabo bawifuza; aliko Igihugu nta bushobozi gifite bwo kubakira. Nimukomere ku cyizere u Rwanda rubafitiye kandi

IJAMBO LY'UMUKURU W'IGIHUGU KU MUNSI W'INGABO Z'U RWANDA — KUWA 26 UKWAKIRA 1979

Ba Nyakubahwa muhagaraliye Ibihugu byanyu mu Rwanda,

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Kuva mu w'1973, umwaka w'ivugurura-muco ushingiye ku Mahoro n'Ubumwe bw'Igihugu, umunsi w'Ingabo z'u Rwanda utwibutsa buli mwaka, ukuntu Republika ya II yitaye mbere na mbere ku mahoro n'umutekano w'abantu bose. Twese tuzi ko kwumvikana no gukorera hamwe ali byo byonyine bituma amahoro n'umutekano bidahungabana. Ilyo ni ihame ly'ingenzi lya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda: «Umutekano n'Amahoro y'Abatura-Rwanda ntituzabitezukaho buli gihe kugira ngo tulinde Abatura-Rwanda abanzi bose b'amahoro.»

Muli iyi myaka itandatu ishize nta nzangano n'imyilyane, twihatiye kwumvisha abana b'u Rwanda ko bose ali bene mugabo umwe kandi ko bagomba gukorana ubutwali n'ubwitange. Kuwa 5 Nyakanga, mu mwaka ushize, navuze bihagije ibyiza twagezeho, ku bulyo ubu ntagomba kubigarukaho.

Gusa ndagira ngo mbibutse akamaro abalinzi b'amahoro bafitiye Igihugu. Guhora balinze abaturage, ni kimwe mu byerekeye uruhare Ingabo zifite mu majyambere y'u Rwanda.

Ingabo z'u Rwanda zose zakomeje akazi kazo, kandi zigira n'uruhare mu zindi nzego z'amajyambere y'Igihugu. Nongeye kuzisaba kwita igihe cyose ku mulimo wazo w'ingenzi mbere y'indi yose. Kulinda Abatura-Rwanda no gutanga umuganda mu majyambere y'Igihugu, kulinda amahoro n'umutekano mu Gihugu no kulinda ubusugire bwacyo, zitaretse gufatanya n'abandi baturage, nk'uko Manifeste ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ibitwigisha, igira iti: «Ingabo z'u Rwanda, kugeza ubu zasaga n'izihejwe mu bikorwa bizamura

amajyambere, zigomba guhaguruka, zigafatanya n'abandi muli ibyo bikorwa zishyizwe mu murongo w'abagomba guhagurukira kujijura Abatura-Rwanda. Abakunda Igihugu bose, n'abakunda amajyambere yacyo, bagomba kwiyumvisha ko alibo ibi bireba kurusha abandi.» Ibyo, aliko rero, ntibishaka kuvuga ko Ingabo z'u Rwanda zigomba gutezuka ku mulimo wazo w'ingenzi; ahubwo, zigomba kumenya umwanya wazo mu mibereho yose y'Abanyarwanda. Buli muturage agomba gukorera Igihugu kugira ngo yerekane ko akwiye umwanya alimo kandi ibyo bikorwa bye ni byo bimuha uburenganzira bwe. Imilimo igomba kugabagabanywa, aliko ikagira aho ihulira kandi ikuzuzanya, kugira ngo byose bigilirane akamaro. Manifeste igira iti: «Imilimo yose igihe ikozwe ikulikije amategeko n'icyubahiro cy'Igihugu irareshya.» Ni muli ubwo bulyo tugomba kwumva ko tugomba guhagurukira icyalimwe kugira ngo imilimo dushinzwe tuyitunganye, intego zigererweho limwe kandi neza, kuko Manifeste ivuga iti: «Gupfusha ubusa imbaraga twagombaga gukoresha ntibyemewe.»

Kugira ngo rero tugume mu nzira yashyizweho na Manifeste, kuli buli muntu, muli buli Kigo, tugomba guhuliza ingufu zacu ku gikorwa gifitiye Igihugu akamaro. Ibikorwa by'Ingabo z'Igihugu bigomba kujyana n'ubwitange bwazo mu bikorwa by'amajyambere y'Igihugu, zigisha kandi zikoresha urubyiruko ruli mu Ngabo, zilinda cyangwa zitabara abaturage, zibuza ibikorwa byose bishobora guhungabanya umutekano w'Igihugu, zigisha kandi zikangura abana batagize amahirwe yo kwiga kandi badafite akazi, baba mu Kigo cyigishilizwamo Urubyiruko. Ibyo byose bigomba kubera abaturage ingero z'ubwitange zigaragara, kandi bigomba gukorwa mu nzira za Plan y'Amajyambere y'Igihugu. Diskuru-Programu yo kuwa 8 Mutarama 1979 nayo yerekanye inzira Ingabo z'Igihugu zigomba gukulikira mu gihe cy'imyaka itanu. Tuzakora ibikorwa bigamije amajyambere y'Ingabo z'Igihugu zizi neza umulimo wazo w'ibanze, usaba n'abaturage bose kuwuzifashamo kugira ngo umutekano usakare mu Batura-Rwanda bose. Kumenya ko kurengera Igihugu ali ngombwa, ni icyemezo cy'uko uba ali umuturage utagira amakemwa; aliko kukirengera ukoresheje imbaraga ufite, ni ukugaragaza uruhare ufite mu mizamukire yacyo. Naho guhishira abagome, guhisha ibintu byibwe, kutavuga abahungabanya amahoro, gukurura

bo mu ifasi y'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, kugira ngo abasobanulire bihagije igitabo cy'amategeko mashya ahana, kimwe n'ibyo bateganya kuvugurura mu rwego rw'Ubucamanza. Abakora mu Bucamanza bw'u Rwanda bagomba mu by'ukuli kumenya, ku bulyo buhagije, igitabo cy'amategeko mashya ahana n'ubulyo bushya bwo gutunganya Inkiko.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Ntitwakwihata kuvuga ibyerekeye imilimo Abacamanza bashinzwe, ngo twibagirwe uburenganzira bwabo. Ikintu cya mbere tugomba kwemerera Abacamanza, ni ubwigenge ku mulimo wabo. Itegeko-Nshinga litegeka Prezida wa Republika kwubahiliza ubwo bwigenge. Muli uwo mulimo, Prezida wa Republika afashwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza, ndetse n'icyemezo cyayo kiba ngombwa mu ishyirwaho n'ivanwaho ly'Abacamanza. Inama Nkuru y'agateganyo yashyizweho n'itegeko-teka nº 41/78 lyo kuwa 29 Ukuboza 1978; abayigize bashyizweho n'iteka lya Prezida nº 79/07 lyo kuwa 27 Werurwe 1979. Imiterere y'iyo Nama n'ububasha bwayo bizasobanurwa burundu mu mategeko mashya azagenga Ubucamanza, ubu alimo gutegurwa.

Turasaba dukomeje abashinzwe Ministeri y'Ubucamanza ko amategeko agenga Abacamanza yakwita cyane, kurusha mbere, ku burenganzira bw'Abacamanza, ibyo ni nk'amafranga (imishahara n'andi); ubulyo bwo gufata amakonji yemewe n'amategeko bwali bukwiye gusubirwamo, kugira ngo inkiko zoye kujya zihora zisubika imanza.

Amategeko mashya agenga Abacamanza yagombye kwerekana ko ubutabera ali bumwe; akaba amwe ku nzego zombi z'Ubucamanza, ali urw'Inkiko ali n'urwa Parke, kuko zombi zigamije intego imwe, aliyo «Ubutabera». Amategeko amwe y'Ubucamanza, aliyo nkingi y'Ubutegetsi bw'Ubucamanza, yakwerekana na none aho buli rwego rutaniye n'urundi, cyane cyane mu byerekeye ububasha n'ibihano.

Bacamanza,

Twongeye kubibutsa, kuli uyu munsi utagira uko usa, ko muli nkingi z'amahoro, nayo akaba aliyo Ubumwe bw'Igihugu

n'Amajyambere bishingiyeho. Niba twiyemeje kubaha ibya ngombwa mukeneye kugira ngo umulimo wanyu utungane, turabasaba kwilinda ibyabarangaza no kwitangira mutizigamye umulimo wanyu, wo guhesha buli muntu uburenganzira bwe, gutuma umutekano mu Gihugu uhoraho, gukomeza umwuka mwiza mu Baturage, no gutuma Inzego zose z'Igihugu zishinga imizi.

Tulifuza ko Abacamanza bacu bakomeza kugira umurava ku kazi, ubudahemuka n'ukwumvira, ubwigenge, ubumenyi n'ubwitonzi. Nimukora mutyo, ubutegetsi bw'Ubucamanza buzarushaho gushyigikira ubwigenge n'uburenganzira bya buli muntu, kandi bitabonetse, nta majyambere yabaho. Muli Diskuru-Programu yacu yo kuwa 8 Mutarama 1979, twemeje ko «Abanyarwanda, kugira ngo bashobore kwitangira rwose Amajyambere, bagomba kumenya ko balinzwe n'Ubutabera bwuzuye. Twavuze ko Ubutabera ali bwo butuma umuntu amenya aho Igihugu kigeze mu bwigenge bwacyo ».

Harakabaho Abanyarwanda bose,

Harakabaho Ubucamanza mu Rwanda.

IJAMBO NYAKUBAHWA GENERAL-MAJOR HABYARIMANA YUVENALI, PREZIDA WA REPUBLIKA, AKABA NA PREZIDA-FONDATERI WA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, YAVUZE ATANGIZA INAMA Y'ABACAMANZA, KU ITALIKI YA 13 NZELI 1979

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Tugishinga Republika ya II, ikintu cy'ibanze twiyemeje ni ukugarura Ubumwe n'Ubwumvikane mu Gihugu, kuko bwali butangiye gusenyuka.

Ubumwe n'Ubwumvikane, ntitwashoboraga kubugeraho, tutabanje kugarura amahoro yali atangiye guhungabana. Ibyo murabyibuka.

Republika ya II, ishyiraho Leta yayo ya mbere, yabanje gusubira mu miterere y'inzego zishinzwe kulinda amahoro no gukomeza Umutekano n'Ubwumvikane mu Gihugu.

Byabaye ngombwa kubanza gusubizaho Ministeri y'Ubucamanza, kubera ko imilimo yayo yali yarometswe ku zindi Ministeri.

Ikindi, ntibyali bikwiye ko ubuyobozi bw'abakozi bo mu Bucamanza bugirwa n'Urukiko rw'Ikirenga rushinzwe kugenzura imiterere y'imanza. Byali ukwitiranya ubutegetsi nyubahilizategeko n'ubutegetsi bw'Ubucamanza. Niyo mpamvu, icyifuzo cyacu cya mbere cyabaye icyo gushinga Ministri w'Ubucamanza ubuyobozi bw'abakozi bo mu nkiko, kugira ngo Urukiko rw'Ikirenga rw'icyo gihe rushobore gutunganya umulimo warwo w'ingenzi, wo kureba ibyerekeye amategeko. Bityo, Ministeri y'Ubucamanza yashoboye guhuza Abacamanza b'Inkiko n'Abacamanza ba Parke, kuko mbere, ab'Inkiko bakekaga ko bagengwa gusa n'Urukiko rw'Ikirenga aba Parke bakagengwa na Prokireri wa Republika.

Birumvikana rero ko uko kugabanya Ubucamanza mo kabili kwatumye buta agaciro kabwo. Ubundi, tuzi ko ubucamanza nyakuli ali umulimo ukorwa n'abantu bafite ubumwe, b'inyanga-mugayo, bigenga, bafite ubushobozi n'umwete.

Kugira ngo duteze imbere ubumwe bw'Ubucamanza, twahise dusaba Abacamanza b'izo nzego zombi guhura, bakajya inama. Imyanzuro n'ibyemezo by'ingirakamaro byafatiwe muli izo nama, byatumye abashinzwe Politiki y'Ubutabera bashobora kurushaho gutunganya imilimo y'Ubucamanza.

Nk'Ihuliro ly'i MURAMBI, mu kwezi kwa Mata 1975, lyatumye imilimo yo gusubira mu mitunganyilize y'inkiko, yihuta. Mulibuka ko kimwe mu byo inama yasabye, ali ukuvangura inkiko zisanzwe n'inkiko ziburanisha imanza z'ubutegetsi.

Icyo cyifuzo cyiza cyitaweho, maze imitwe yali igize Urukiko rw'Ikirenga, Itegeko-Nshinga lyo kuwa 20 Ukuboza 1978 liyigira Inkiko nkuru zivanguye: Urukiko rusesa Imanza, Urukiko rw'Inama ya Leta, Urukiko rushinzwe Imali, n'Urukiko rulinda Itegeko-Nshinga, rugizwe n'Urukiko rusesa Imanza n'Urukiko rw'Inama ya Leta.

Ubu, urukiko rukuru mu nkiko zisanzwe ni Urukiko rusesa Imanza, naho urukiko rukuru mu ziburanisha imanza z'ubutegetsi ni Urukiko rw'Inama ya Leta. Mboneyeho gusaba Ministri w'Ubucamanza kureba ubulyo inkiko ntoya z'ubutegetsi zashyirwaho mu Gihugu.

Imitunganyilize mishya y'ubucamanza yashyizweho n'Itegeko-Nshinga yatumye bigaragara ko n'imiterere y'Ubushinja-cyaha yagombye kugereranywa n'iy'Inkiko.

Tugomba kumenya neza ko imiterere y'Ubushinja-cyaha n'imiterere y'inkiko, itashoboye kuzamukira limwe. Ubushinja-cyaha buracyashingiye kuli Parke imwe gusa ya Republika mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo, nk'uko byali bimeze mu gihe cya gikolonize, kandi kuva kera dufite Inkiko z'Ubujulire n'Urukiko rusesa Imanza. Amategeko agiye gushyirwaho yerekeye imitunganyilize n'ububasha by'inkiko, ateganya Parke Nkuru mu Rukiko rusesa Imanza, Parke Nkuru muli buli Rukiko rw'Ubujulire na Parke ya Republika muli buli Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo. Umulimo w'Ubushinja-cyaha mu Rukiko rwa Kanto wazakorwa na Substiti wa Prokireri wa Republika w'akarere

amategeko areba ubwigenge bw'abantu bakatiwe igihano cy'igifungo, na za gereza zigahindurwamo amashuli yadufasha kugorora ibyomanzi.

Abafunzwe bazira kubuza Abaturage amahoro, bagomba gukora, kandi ibivuye mu bikorwa byabo bikongera umusaruro. Ayo mategeko agomba gukulikizwa mu Gihugu nk'iki cyacu gikeneye ko Abaturage bashyira imbaraga zabo hamwe, kugira ngo tuve mu bukene.

Nyamara, gukoresha imfungwa ntibigomba kuba igihano gusa; kuko akazi kamugarulira umutima mwiza, kakanamugorora mu mico, kagombye gukorwa ku bulyo umunyururu ufunguwe yajya atahana udufaranga two kumufasha mu minsi ya mbere, amaze gusubira mu rugo. Umusaruro w'abanyururu ugomba rero kugabanywa Leta n'abanyururu, bakulikije ubwitange bwa buli muntu, mu mbaraga n'ingorane bagize.

Kwibuka ko uwakatiwe igihano cy'igifungo nawe ali umuntu, ni intangiliro nziza yo kumugorora mu mico. Kandi, abashinzwe za gereza bagomba kurushaho kwigisha abanyururu umwuga uzabafasha kugira icyo bimalira, uzabageza ku bwigenge mu mibereho yabo, uzatuma bashyira umutima hamwe bavuye mu buroko, ukanorohereza Leta muli byinshi itanga ku banyururu.

Ɖusabye Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative gufasha Ministeri y'Ubucamanza gushyira muli za gereza zose abakozi bita ku mizamukire y'abanyururu; abo bakozi bazahindura imitima yabo, babaha inyigisho zizabafasha kwongera kubana neza n'Abaturage.

Ikindi kandi, bitewe n'uko amafranga dufite angana, tuzubaka buhoro buhoro za gereza, ku bulyo ikibazo cyo kuvangavanga abanyururu cyagabanuka

Ni nayo mpamvu yatumye dushyiraho Ikigo ngorora-muco cy'i LILIMA ho mu BUGESERA. Icyo kigo kigabyemo ibice byinshi, kugira ngo abali mu kigero kimwe n'ab'igitsina kimwe, bajye hamwe, n'abakoze ibyaha bimwe, bafungirwe hamwe. Turatekereza kandi ko ku byaha bito, cyane cyane ibishobora guhanwa n'Inkiko za Kanto, buli Komini yali ikwiye kwiyubakira gereza, ikajya inayicumbikiramo abakekwaho icyaha. Turasaba dukomeje ko Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'uw'Ubucamanza bareba ukuntu izo gereza za Komini zashyirwaho.

Kugira ngo Leta irwanye ubugizi bwa nabi, yashyizeho ubulyo bwo kuba ilinze abantu b'imbura-mukoro n'abatunzwe no gusabiliza; byitwa «gushyirwa mu maboko ya Leta»

Uwo mugambi wafatiwe kulinda Abaturage kimwe n'abantu bazwiho ubugome bwinshi. Ubwo rero, niba muli ibyo Bigo tumenyereza ibyo birara, tubyigisha imyuga myinshi kandi ku buntu, ni ukugira ngo amahoro n'umutekano bisugire mu Baturage. Kandi n'ubwo ikibazo cyo kubura abakozi babishoboye cyatumye bimwe muli ibyo Bigo bitagenda neza, Leta yahamanye icyo gitekerezo, yiyemeza no gushaka abakozi babijijukiwemo.

Bacamanza,

Umulimo wanyu ntubasaba kutandavura gusa no kuwitaho cyane, ahubwo ubasaba no kuba muzi neza umwuga wanyu. Amakosa menshi akorwa na bamwe mu bashinzwe Ubucamanza, ahanini aterwa no kutamenya amategeko.

Abacamanza n'abafasha babo, umwuga ushaka ko baba abahanga mu by'amategeko; bagomba kuyakulikiza, kuyubahiliza, kandi byaba ngombwa, bakayasobanura. Niba ntawe ushobora kuvuga ko atazi itegeko, byaba bibabaje cyane rwose kubona umucamanza utazi amategeko aliho. Umucamanza agomba kwiga amategeko no kuyazilikana mu buzima bwe bwose.

Niyo mpamvu, kugira ngo u Rwanda rugire Abacamanza bashobora gusoma, kwiga no kwumva amategeko, Ministri w'Ubucamanza yakoze uko ashoboye kugira ngo urubyiruko rushaka kuzakora mu Bucamanza rubanze guhabwa inyigisho mu ishuli lihugura mu by'Ubucamanza. Leta kandi yakoze uko ishoboye kugira ngo bakomeze gutanga inyigisho mu by'ubuhanga bw'amategeko muli Université y'u Rwanda. Hashize imyaka ibili Ubucamanza butangiye gukoresha abahanga mu by'amategeko, basohotse muli Université y'u Rwanda. Tulifuza ko mu myaka itaha, buli Rukiko, guhera ku rwa Mbere rw'Iremezo ukajyana hejuru, rwagira abahanga mu by'amategeko barangije muli Université cyangwa mu Ishuli Likuru lyigisha Amategeko, rukagira Abacamanza n'Abashinja-cyaha bahawe inyigisho z'Ubucamanza mu Ishuli lyacu lyigisha iby'Ubucamanza.

Iruhande rw'izo nyigisho zo mu mashuli, Ministri w'Ubucamanza agomba guteganya amateraniro yajya ahuza Abacamanza

zimwe na zimwe basakuliza ubusa. Kuli iyo ngingo nifuzaga kwongera kwumvisha neza ko:

— Itegeko lyemerera Ministri w'Ubucamanza gutegeka Abashinja-cyaha, halimo na Prokireri wa Republika n'abakozi bo muli Parke, halimo Abagenza-cyaha, kimwe n'Abagenza-cyaha bo mu butegetsi bwo mu zindi Ministeri.

— Nk'uko bivugwa mu ngingo ya mbere y'itegeko lyo kuwa 23 Gashyantare 1963, ububasha n'imilimo by'Abagenza-cyaha birasobanuye. Amabwiliza yatanzwe na Prezida, ntacyo yabihinduyeho. Ahubwo, ahanini yibukije rwose imilimo y'Abagenza-cyaha n'Abashinja-cyaha. Mu by'ukuli, n'ubwo inyandiko-mvugo zikorwa na ba OPJ zifitiye akamaro kanini umucamanza ukulikirana urubanza, ntabwo bikwiye ko gukora anketi y'amadosiye yabirekera OPJ. Inyandiko-mvugo zigomba gukorwa n'Abagenza-cyaha, nyuma zigahita zoherezwa muli Parke igomba gukora anketi y'amadosiye no kugira icyo iyavugaho.

— Koko rero, itegeko liha Abagenza-cyaha ububasha bwo gukulikirana ibyaha, gushyira mu nyandiko-mvugo ubwoko bw'ibyo byaha, impamvu zabiteye, igihe n'ahantu byabereye, gufata ibintu byambuwe, gufata abakoze ibyaha bishobora gufungirwa amezi atandatu nibura. Aliko icyo gihe, Umugenza-cyaha ashinzwe kwohererezа ako kanya inyandiko-mvugo Ubutegetsi bw'Ubucamanza, kugira ngo bugire icyo buzivugaho.

— Ayo mabwiliza arongera akibutsa Abagenza-cyaha bo mu Butegetsi bwo mu zindi Ministeri, kimwe n'abakuru b'izo Ministeri ko Umugenza-cyaha mu milimo ye, arebwa na Ministri w'Ubucamanza n'Ubushinja-cyaha.

— Birashoboka ko ingingo zimwe na zimwe zo muli ayo mabwiliza, abo zandikiwe baba batarazumvise neza. Kugira ngo impaka zishire, Ministri w'Ubucamanza asabwe gukoresha inama, kugira ngo asobanulire abo ngabo, ingingo zose baba bagishidikanyaho.

Bacamanza,

Nk'uko twabivuze, Umucamanza, kugira ngo alinde umutekano, agomba kwambura ubwigenge abantu bahungabanya amahoro n'umutekano wa bagenzi babo. Abakatira igifungo kimara igihe iki n'iki cyangwa akabakatira gufungwa burundu.

Nyamara, uwakatiwe igihano cy'igifungo, uburenganzira bwe bugumya kwubahilizwa, n'ubwo ubwigenge bwe buba bujemo inzitizi. Kugira ngo nyine ibintu bigende neza, uwakatiwe gufungwa abujijwe kujya aho ashatse, aliko afite uburenganzira bwo kubaho, bwo kubona ibimutunga, bwo kwungura ubumenyi bwe, bwo gufata neza umubili we na roho ye.

Tubitewe n'agaciro k'ikiremwa muntu, Ubutegetsi bwa Republika ya II, bwakoze uko bushoboye, buvugurura za gereza n'ibindi bigo bifungirwamo.

Gereza zacu, murabizi, inyinshi muli zo zimaze imyaka irenga mirongo itanu. Zali zubatswe bakulikije uko umubare w'Abaturage wanganaga n'uko ibyaha by'icyo gihe byanganaga. Mu w'1930 u Rwanda rwali rutuwe n'Abaturage 1 700 000. Ubu, umubare w'Abanyarwanda ungana na miliyoni 5. Birumvikana ko umubare w'ibyigomeke wiyongereye. Murumva namwe rero ko gereza zacu zatubanye nto kandi zishaje cyane.

Ibyo nabivuze kuwa 26 Ukwakira 1976. Icyo gihe nababwiraga ko ububandi, dusangana abanga gukoresha imbaraga zabo bagashaka kunyunyuza imitsi ya rubanda, tugomba kuburwanya dushyizeho umwete.

Abategetsi ibyo bireba rero, bagomba gukaza umurego, kugira ngo bahashye ubwo bwomanzi. Kandi kuli iyo ngingo, ababishinzwe bagomba kurushaho kwifatanyiliza hamwe mu kurwanya icyatera ububandi cyose. Izo nzego z'imilimo zigomba kumaraho ibibazo by'urudaca bidindiza akazi. Koko rero, mu gihe ubujura bwiyongera, ni ngombwa ko n'ubutegetsi burushaho gukaza umurego; imfungwa ziliyongera, ni uko gereza zacu zishaje kandi zidakwiranye n'igihe tugezemo, zigahita zuzura. Ingaruka ziterwa n'imisenderere y'ubwo buroko, zituma abanyururu benshi barekurwa, kandi ingeso mbi zitabashizemo. Ayo mabandi akimara kugera iwabo, akayo ntigashira, ahita asuzugura Ubutegetsi, ni uko ubugome bukarushaho kwiyongera. Tugomba gutsemba ubwo bugizi bwa nabi bugumya kutubuza amahoro.

Twibuke ko icyo gihe, ubwiyongere bw'abanyururu n'indwara z'ibyorezo mu buroko, byatumye abenshi bahapfira. Aliko Ubutegetsi bwihutiye kubona umuti w'izo ngorane.

Umubare w'abanyururu muli gereza, ushobora na none kugabanuka, bagiye bagabanya umubare w'imfungwa, bakoresheje

urwo Rukiko rulimo. Bityo, Prezida w'Urukiko rwa Kanto ntiyakomeza kuba icyalimwe umucamanza n'umuburanyi, mu byerekeye imanza zihana.

Turakeka ko Ubushinja-cyaha nibutunganywa butyo, umulimo wabwo uzarushaho kugenda mu nzira imwe no kugira akamaro, n'ubusumbane muli urwo Rwego rwubahiliza Itegeko, bukarushaho kugaragara neza.

Bacamanza,

Republika ya II yumvise neza akamaro Inkiko Nkuru n'Intoya zifitiye Abaturage. Yongereye umubare w'Inkiko za Kanto, n'ingereko zahoze ali iz'Urukiko rw'Ubujulire, rumwe rukumbi mu Rwanda, zihinduka Inkiko z'Ubujulire eshatu zifite ifasi yihaliye.

Republika ya II yashyize ingereko mu Nkiko za Mbere z'Iremezo zimwe na zimwe. Bitewe na none no gushaka kwegereza Ubucamanza Abaturage, ntizashidikanya gushyiraho urundi Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwihaliye mu ifasi ya Prefegitura kandi rufite intebe yarwo ahandi hatali ku rurembo rwa Prefegitura. Kubera ko buli rugereko mu zisanzweho rushobora guca imanza zose zigenewe Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, byarushaho kuba byiza, ingereko zimwe na zimwe z'urwo Rukiko zili kure y'ururembo rwa Prefegitura zihinduwemo Inkiko za Mbere z'Iremezo, zikaba ndetse zaca n'imanza ziturutse mu ma Komini yose azegereye.

Twagaragaje kandi icyifuzo cyacu cyo kulinda amahoro y'Abaturage no kurwana ku mutungo wabo, tubegereza abakozi bo mu Bushinja-cyaha. Twabonye ko kenshi hali abagizi ba nabi badahanwa kubera ko bibereye kure y'Ubushinja-cyaha. Niyo mpamvu twashyizeho izindi nzego muli Parke, twise «Sous-brigades judiciaires». Ifasi ya «Sous-brigade judiciaire» ihuje ahanini n'iya Su-Prefegitura. Uwo mugambi ukwiye gukomeza.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Twibanze cyane ku kwishyira-ukizana kwa buli muntu. Itegeko-Nshinga lyacu lyo kuwa 20 Ukuboza 1978 livuga ilyo hame mu bulyo bweruye kandi bwuzuye. Ligira liti: «Ubwigenge bwa

buli muntu buremewe; ntawe ushobora gukulikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucibwa igihano atali mu bihe biteganyijwe n'itegeko lyatangiye gukulikizwa icyaha akulikiranyweho kitarakorwa kandi hakulikijwe ubulyo itegeko liteganya.»

Ndibutsa Abacamanza bose n'Abakozi bose bo mu nkiko, ko ishami ly'ubutegetsi balimo, lyashinzwe n'Itegeko-Nshinga «kulinda uburenganzira n'ubwigenge bya buli muntu no kubyubahiliza mu bulyo buteganywa n'itegeko».

Kwambura umuntu ubwigenge bwe, ni ubulyo budasanzwe Umucamanza yiyambaza, iyo nta kundi agishoboye kulinda ituze rusange. Mu gihe kandi asanze ali ngombwa kwambura umuntu ubwigenge bwe, agomba nabwo kubikora akulikije rwose inzira zateganijwe n'amategeko yerekeye gufata no gufunga abashinjwa.

Ndibutsa cyane cyane ko ifunga ly'agateganyo likozwe n'Umushinja-cyaha limara iminsi itanu gusa, muli iyo minsi niho bagomba gusaba Prezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo cyangwa w'Urukiko rwa Gisilikare, itegeko lifunga by'agateganyo, bakulikije ububasha bafite.

Tugomba rero kurwanya ifata n'ifungwa by'agateganyo, bikorwa mu bulyo bunyuranije n'amategeko, bitwaje ko Abagenza-cyaha baba bagikora za anketi zidategetswe n'Umushinja-cyaha.

Birababaje kubona abakozi ba Leta, nk'abo mu Bucamanza, bakora amakosa bitwaje ko bakulikiza amategeko.

Nsabye nkomeje Ministri w'Ubucamanza gushyiraho vuba amategeko yo gufata no gufungisha ijisho mu buroko, mu Rwanda bita «AMIGO». N'ubwo gufungisha ijisho akenshi ali ngombwa kugira ngo anketi ikulikiranwe neza, usanga ko buli munsi, bene iyo mifungire, idasobanuye, ntigire amategeko, ishobora gutuma havuka ubwigomeke.

Igituma twitaye cyane ku myubahilize y'uburenganzira n'ubwigenge bw'abantu, ni uko ibyo bitabayeho, amahoro twagumye guharanira atazagerwaho.

Kugira ngo duhamye amahoro mu Baturage, mu rwandiko rwo kuwa 13 Mata 1979 rukubiyemo amabwiliza yerekeye imisumbanire n'imilimo y'Abagenza-cyaha, twibukije iby'ingenzi bigomba kuyobora Umugenza-cyaha wese, iyo Ubucamanza bumwiyambaje. Ayo mabwiliza yatumye abakozi bo mu nzego z'imilimo

No mu zindi nzego abana b'u Rwanda bararwitangiye kugira ngo baruheshe ishema. Twavuga nka Musenyeri BIGIRUMWAMI, wakoreye Igihugu cyane cyane mu by'uburezi bw'urubyiruko. Tumugize «Officier de l'Ordre National de la Révolution». Na Padri KAMUGISHA Gregori, tugize «Chevalier de l'Ordre National de la Révolution».

No mu guteza imbere umuco wacu wa kinyarwanda, hali Abanyarwanda bakwiye kubishimirwa. Nka: Padri Alegisi KAGAME tugize «Officier de l'Ordre National des Grands Lacs na Padri BAZARUSANGA Tomasi, SEBATUNZI Yozefu, RUJINDILI Bernard, na KABALIRA Viateur, duhaye ishimwe lyo kuba «Chevalier de l'Ordre National des Grands Lacs».

Twakwibuka kandi n'incuti z'u Rwanda zidufasha kurwubaka no guharanira amajyambere y'abarutuye, nka: Frère Secondien washinze Groupe Scolaire y'i Butare, Chanoine Ernotte washinze Collège du Christ-Roi i NYANZA. Tubagize «Officiers de l'Ordre National de la Révolution».

— Abbé Guido;
— Frère Florin;
— Frère Bernard;
— Frère Mensuy;
— Frère Alvarus;
— Frère Aurélien;
— Abbé Gérard;
— Frère Grasiani;

Tugize «Chevaliers de l'Ordre National de la Révolution».

Nsabye kandi za Ministeri zibishinzwe na Chancelier des Ordres Nationaux, gushaka Abanyarwanda bose bakwiye ishimwe ly'Igihugu, babaye intwali mu kuzamura amajyambere yo mu cyaro, mu bukungu bw'Igihugu, mu buhinzi no mu bworozi, kugira ngo nabo bazashimwe ku mugaragaro.

Mbasabye aliko kuzashaka intwali zibikwiye, kuko ishimwe nk'ilyo, kimwe n'amapete cyangwa amagrade mu bakozi b'inzego zose, ali mu basivili ali mu basilikali, atali ugupfa kuyora gusa, bikwiye guhabwa abakora koko, bakitangira amajyambere y'Igihugu.

Twiyemeje kandi no gushimira abandi bana b'Igihugu bacyitangiye, Abakozi ba Leta, Ingabo z'u Rwanda, Abakozi bo mu Bucamanza, Abarezi, bakoranye umurava mu myaka cumi n'itanu.

Igihugu kirabashimira ko bitangiye umutekano wacyo, ubwumvikane bwakwiliye mu Banyarwanda n'amajyambere kimaze kugeraho n'uko bagifashije kugira umwanya mwiza mu rubuga rw'Amahanga. Niyo mpamvu natwe no mu izina ly'Abanyarwanda, twiyemeje, uyu munsi, kubaha imidali y'akazi bazahabwa n'abakozi bo mu biro bishinzwe kuyitanga, kugira ngo tubashimire kandi tubatere inkunga, nk'uko biteganijwe mu Itegeko-teka lyo kuwa 18 Kamena 76.

Ndashimira abahawe imidali y'ishimwe kubera ibikorwa bakoreye Igihugu; nongeye kwifuliza Abanyarwanda bose amahoro, amahirwe n'uburumbuke muli Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Umunsi mwiza kuli buli Munyarwanda, muli Selire no muli Komini ye. Umunsi mwiza w'amahoro n'ubumwe.

Amahoro nasugire asagambe, ni harambe ubumwe bw'Abanyarwanda, ni harambe Abanyarwanda twese.

Kigali, kuwa 5 Nyakanga 1979

we n'Igihugu cye, no ku bulyo litegulira Igihugu abakozi gikeneye mu majyambere yacyo. Kubera iyo mpamvu, ndibutsa abashinzwe amashuli, bashinzwe u Rwanda rw'ejo ko Ivugurura lyayo twatangiye lisaba umusanzu w'Abanyarwanda bose bagomba kwitanga kugira ngo litungane. Tuboneyeho gushimira Amakomini yarangije kwitegura ilyo Vugurura no gushimira Abaturage b'ayo Makomini umwete bagize wo kwubaka amashuli na za «ateliers» batanga Umuganda.

Amajyambere y'Igihugu cyacu, ashingiye, mbere ya byose, ku mbaraga zacu twese. Tugomba rero kurwanya icyitwa ubunebwe cyose, tugakoresha imbaraga zacu n'ubwenge bwacu kugira ngo tugere ku mibereho myiza.

Ni muli ubwo bulyo abakozi babishinzwe bo muli Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo n'abo muli Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu batangiye gutunganya amadosiye yose y'abakozi ba Leta, ab'Ibigo bigengwa na Leta, n'ay'abalimu. Ministeri y'Ubucamanza nayo yategetswe kubigenza ityo ku bacamanza, n'abandi bakozi bo mu Nkiko. Ndakeka ko dukora ibyo, twagiliye neza abakozi ba Leta tubashyira mu myanya bagezemo, bityo nabo bakarushaho kwumva ko Abaturage babasaba kubitangira batizigamye.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Igihugu kigomba gushimira abana bacyo no kubatera inkunga kugira ngo barusheho kugikorera. Tumaze kubona intambwe tugezeho kuva aho Révolution yo mu w'1959 ibereye, hashize imyaka 20.

Twibuke rero abana b'u Rwanda batangiye iyo «Révolution».

Twibuke Gregori KAYIBANDA watangije iyo Revolisiyo akaba uwa kabili mu kuyobora Republika yali imaze kuvuka. Muzi kandi ko ibibi bamushutse gukora, Abanyarwanda twese twabimubabaliye kuwa 8 Mutarama 79. Ubwo rero twarebye gusa ibyiza yakoze, maze, dukulikije ububasha twahawe, tumuzamuye ku ntera ya «Grand-Croix» mu rwego rw'ishimwe rwa «Ordre National des Mille Collines».

Twibuke n'abandi bafatanije nawe rugikubita, baharaniraga Rubanda rugufi, nka:

— GITERA Yozefu;
— BICAMUMPAKA Balthazari;
— MUNYANGAJU Aloyizi;
— MULINDAHABI Calliopi.

Abo tukaba tubazamuye ku ntera ya Grand Officier de l'Ordre National des Mille Collines.

Twibuke n'intwali zamennye amaraso zirwanira u Rwanda, nka:

— KAMUZINZI Schadrack;
— KAYUKU Vénuste;
— 1er Sergent LIMENYANDE Protazi waguye mu BUGESERA;
— 1er Sergent FERESI Bonifasi waguye mu BUGARAMA;
— Caporal NYANDWI Stratoni waguye haliya i KANZENZE;
— Soldat KARAKE Fideli waguye mu MUTARA na KAJANGWE Yohani.

Abo tukaba tubazamuliye ku ntera ya «Chevalier» mu rwego rwa «Ordre National des Mille Collines». Uyu munsi twashatse no gushima ku mugaragaro abadufashije kuwa 5 Nyakanga 73 kugarura amahoro y'Abanyarwanda, ali nayo yatumye ibyiza bya «Révolution» yo muli 59 bidasibangana.

— Colonel KANYARENGWE Alexis;
— Colonel NSEKARIJE Aloys;
— Lieutenant-Colonel (en retraite) BENDA Sabin;
— Lieutenant-Colonel SERUBUGA Laurent;
— Lieutenant-Colonel BUREGEYA Bonaventure;
— Lieutenant-Colonel GAHIMANO Fabien;
— Lieutenant-Colonel NTIBITURA Bonaventure;
— Lieutenant-Colonel RUHASHYA Epimaque;
— Major SIMBA Aloys.

Tukaba tubagize «Commandeurs de l'Ordre National des Mille Collines».

Aliko rero, Banyarwanda, Banyarwandakazi, u Rwanda ntirwazamuwe, kandi ntiruzazamurwa na politiki gusa.

hiro Abanyarwanda babona igihe Igihugu kibatumye mu nama z'Amahanga.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Kuli uyu munsi utagira uko usa, ndashaka, mu izina lyanyu, kwongera gushimira byimazeyo, Imilyango n'Ibihugu by'inshuti, byumvise ingorane Igihugu cyatewe n'ifungwa ly'amayira, bikadutabara bidufasha kuva mu makuba twatewe n'amahane yabereye hafi y'iwacu. Ali Ibihugu duturanye, byumvise akababaro kacu, bikarushaho kudufungulira inzira z'iwabo, ali Ibihugu bikize byaduhaye izindi mfashanyo, Abanyarwanda twese turabishimiye, kandi twishimiye ubucuti u Rwanda rufitanye na byo. Nsabye Abahagaraliye ibyo Bihugu mu Rwanda kimwe n'Abahagaraliye iyo Milyango kwongera kutubwilira abo bahagaraliye ko tubashimira cyane kubera umwete bagize wo gutabara Igihugu cyacu.

Nkibutsa kandi Abategetsi bose, cyane cyane abashinzwe imizamukire y'Abaturage mu cyaro, umulimo wabo wo kwongera umusaruro cyane cyane mu buhinzi no mu bworozi, ku bulyo Abaturage babona ibyo kulya byiza kandi bihagije. Bagomba kandi gukomeza programu yo gushyiraho ibigega by'ibilibwa bihagije, kugira ngo Igihugu cyacu kiticwa n'inzara, amayira tunyuramo aramutse yongeye gufungwa. Muzi kandi ko Leta yitaye ku mishinga izatuma amayira atungana kurushaho: gukora imihanda no gutunganya ikibuga cy'indege cy'i KANOMBE kugira ngo indege nazo zirusheho kutugemulira.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nshimiye kandi abakozi ba Leta, n'Abacuruzi bashishikaliye gufasha Leta, muli iyi minsi y'amagorwa, kugerageza gushaka andi mayira kugira ngo abana b'u Rwanda bakomeze babeho. Muzi ko Leta nayo yiyemeje gufasha Abacuruzi gushyiraho ubulyo bwiza bwo gukwiza ibicuruzwa mu Gihugu hose. Aliko kandi sinabura kwongera kugaya ibikorwa bibi bya bamwe mu bakozi no mu biyita abacuruzi, bashaka gukira batavunitse, batagira isoni zo guhemuka, badatinya kulya imitsi y'Abavandimwe babo, babeshya ngo ibintu byarabuze bakanazamura ibiciro uko bishakiye, aho kugira ngo bafashe Leta gukoresha neza ibihali.



« Mwizere rero ko tuzakomeza kubitaho igihe cyose mugaragaza icyifuzo cyanyu cyo kurushaho gukorera Igihugu. »

Leta yiyemeje guhana bikomeye ibyo bikorwa by'ubujura kugira ngo irengere abatishoboye no kubuza ibyo bikorwa bibi kudindiza Ubukungu bw'Igihugu. Nsabye rero Abakuru ba Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi gukoresha imbaraga zabo zose bakarwanya izamuka ly'ibiciro. Mbasabye cyane cyane kwiyumvisha ko bagomba guharanira ishema no kuba ubwabo inyangamugayo, kugira ngo babone uko bagera ku ntego yabo yo kubuza ihindagulika ly'ibiciro, cyane cyane ily'ibilibwa n'ibindi bintu bikunda gukenerwa.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Nk'uko twabisezeranye mu ntangiliro y'uyu mwaka Isi yose yise Umwaka w'Abana, twise umwaka w'1979, Umwaka w'Uburezi mu Gihugu cyacu. Uyu mwaka ugomba rero gusigira Uburezi bw'Igihugu ikimenyetso kidasibangana cyerekana ko Ivugurura ly'amashuli lizaba lyaracengeye mu Banyarwanda bose, kandi lyarakozwe ku bulyo liha Umunyarwanda amatwara mashya atuma ashobora kwigilira akamaro, kukagilira umulyango

Ba Militantes, ba Militants,

Abanyarwanda bakereye gukora, bafite amahoro. Banezezwa n'uko ubwitonzi bwabo bwatumye amahoro n'umutekano bikwira mu Gihugu no ku mipaka yacyo. Nk'uko duhora tubivuga, Abanyarwanda twashimishwa n'uko ayo mahoro twayasangira n'inshuti zacu, n'uko yakwira mu mibanire y'Ibihugu byose. Mu mwanya wanyu nongeye kubwira inshuti zacu ko politiki yacu y'ubucuti, y'ubuvandimwe no kubana neza n'Ibihugu duhana imbibi ishingiye ku kuli kuzira ubulyalya. Amahoro, ubucuti, n'ubutwererane ni intego Abanyarwanda biyemeje.

Iwacu kandi, ayo mahoro niyo tudahwema gushakira hamwe kugira ngo umutekano, amahirwe n'amajyambere bisakare mu Banyarwanda bose. Tube maso rero, turwanyilize hamwe abashaka guhungabanya ayo mahoro: abanebwe, ibisambo n'abatifuza ko u Rwanda rujya imbere, biyibagiza amahame ya Muvoma yacu, bagashimishwa no kwiba, kulya ruswa no gushaka kugarura umwilyane mu Banyarwanda. Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda idutegeka kurwanya inzangano n'ibidutatanya, guhuliza hamwe imbaraga z'Igihugu kugira ngo turwanye ubujiji n'ubukene, kuvanaho ibisigisigi bya gihake mu Banyarwanda. Muvoma yacu idutegeka kandi guhagurukira icyalimwe no kwumvisha Rubanda ko bagomba kwitangira amajyambere y'Igihugu, kurwanya abanyunyuza imitsi y'abandi, abanebwe, ibisambo, abatungwa n'utw'abandi, ivangura ly'amoko, ily'uturere n'ily'amadini.

Twongere twibutse ko kwubahiliza ayo mahoro bishinzwe Umunyarwanda wese aho ali muli « Cellule » no muli Segiteri ye.

Ba Militantes, ba Militants,

Muli uyu mwaka Republika y'u Rwanda yateye indi ntambwe mu mubano wayo n'Amahanga. Twibuke ishema twakuye mu nama yahuje Abakuru b'Ibihugu by'Afrika n'uw'u Bufransa, Nyakubahwa Valéry GISCARD d'ESTAING, wali umaze kugenderera Igihugu cyacu ku mugaragaro ali hamwe na Madamu we. Sinabura kwibutsa ishema u Rwanda rufite kuva aho rutorewe kuyobora Umulyango uhuliyemo Ibihugu by'Afrika n'Ikirwa cya Maurice, ishimwe ruvanye mu nama y'i Cotonou n'icyuba-

Ku ya 5 Nyakanga 1979, Nyakubahwa Général-Major HABYARIMANA Yuvenali yahaye imidali y'ishimwe bamwe mu bana b'Igihugu baharaniye amajyambere yacyo.

IJAMBO LYA NYAKUBAHWA GENERAL-MAJOR HABYARIMANA YUVENALI, PREZIDA WA REPUBLIKA, AKABA NA PREZIDA-FONDATERI WA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, KU ISABUKURU YA 20 YA REVOLUTION YO MULI 1959, KU ISABUKURU YA 17 Y'UBWIGENGE BW'IGIHUGU, KU ISABUKURU YA 6 YA REPUBLIKA YA II N'ISABUKURU YA 4 YA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, KUWA 5 NYAKANGA 1979

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Twongeye guteranira hamwe mu byishimo kugira ngo twibuke ibikorwa by'ingenzi mu mateka mashya y'Igihugu cyacu. Muli ibyo, twibuke ko hashize imyaka makumyabili Abanyarwanda bakoze «Révolution» yo muli 59 yatumye ubutegetsi buva ku gatsiko k'abibeshyaga ngo bavukanye imbuto, bukajya mu maboko y'Abanyarwanda bose. Icya kabili, ni uko imyaka ibaye cumi n'ilindwi u Rwanda rwigenga, Abanyarwanda bibohoye ingoyi ya gikolonize — bitegeka mu Gihugu cyabo — guhera icyo gihe Abanyarwanda batangiye kwumvikana no gushaka icyabateza imbere mu majyambere ku bulyo bwa démocratie bali bamaze gutsindira. Ibyo ni ibikorwa bibili by'ingenzi, mu mateka y'Igihugu cyacu, twibuka uyu munsi.

Ubwo bwitange bw'Abana b'Igihugu aliko bwaje kwanduzwa na bamwe muli bo bataye inzira y'ukuli, ubutegetsi bali bahawe na Rubanda kugira ngo barusheho kuruteza imbere, bakabukoresha mu nzangano, mu binyoma no mu matiku. Kuwa 5 Nyakanga 1973, duhagalika abashakaga guhungabanya amahoro y'Abanyarwanda. Tubabuza gukoresha mu bikorwa bibi ubwizere Abanyarwanda bali babagiliye, babashinga ubwo butegetsi. Kwibuka icyo gikorwa cyo kuwa 5 Nyakanga ni icya gatatu mu bidutera-

nije hano. Tumaze imyaka itandatu Republika ya II ishubije Abanyarwanda icyubahiro n'amahoro bya ngombwa kugira ngo bahagurukire gushaka icyabateza imbere.

Uko kwibumbira hamwe kw'Abanyarwanda bose twashatse kuva kuwa 5 Nyakanga 1973, twakugaragaje dushyiraho «Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda». Iyo Muvoma ihuza Abanyarwanda bose, igashyiraho ubulyo bukulikizwa mu majyambere y'Igihugu, igashyiraho na politiki y'amahoro, y'ubumwe n'amajyambere. Iyo ni indi mpamvu y'imyidagaduro y'uyu munsi twibukaho imyaka ine Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda imaze ishinzwe.

Nshimishijwe rero, ba Militantes, ba Militants, no kubifuliza, n'umutima wanjye wose, umunsi mwiza, w'amahoro n'ubwumvikane.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Uyu munsi, simbabwira diskuru ndende. Muli Kongre ya Kabili y'Igihugu, nababwiye ibikorwa by'ingenzi Republika ya Kabili yagejejeho Abanyarwanda. Ejobundi kuwa 8 Mutarama mbabwira imigambi tugamije mu myaka ili imbere.

Uyu munsi nababwira gusa ko nshimishwa n'uko amahoro n'ubwumvikane, bya ngombwa ku majyambere, byacengeye mu mitima y'Abanyarwanda. Byatumye dutera intambwe mu majyambere no mu gushyiraho ubutegetsi bwerekana démocratie mu Gihugu.

Mboneyeho umwanya wo kwongera gushimira Abanyarwanda bose ko batoye bose Itegeko-Nshinga lishya na Prezida wa Republika. Ibyo byose byatumye ndushaho kwiyemeza gukorera Abanyarwanda, kandi bizatera inkunga Leta mu gukulikiza ibyo twiyemeje muli Programu twatanze kuwa 8 Mutarama 1979, no mu gushyiraho inzego z'ubutegetsi zihuye n'ibyifuzo by'Abanyarwanda, n'ibihe tugezemo. Twizeye ko gukunda Igihugu kw'Abanyarwanda n'ubutegetsi bwa démocratie twaharaniye bizagaragara mu matora ateguwe mu mpera z'uyu mwaka, azashyiraho Abajyanama bashya ba Komine n'abagize za Komite za Cellules za Muvoma yacu.

yose mu byerekeye ubukungu, kugira ngo Namibiya igobotorwe ku ngoyi ya gihake, kandi yigenge mu busugire bwayo bwose.

Mu Burasira-zuba bwo hagati, naho amahoro yaho azakomeza guhungabana bikomeye, igihe cyose Abarabu bazaba batarasubizwa intara zabo zose zafashwe na Israël, n'igihe cyose kandi ikibazo cya Palestina kizaba kitarabonerwa umuti.

Kugabanya intwaro, kubohoza igice cy'Afrika kikili mu maboko ya gashaka-buhake, no gushaka ibizana amajyambere, ni byo bikorwa by'ingenzi bigomba guharanirwa n'Isi yose.

Ku byerekeye ibyo kugabanya intwaro, iby'ingenzi byagezweho kugeza ubu, si ibyemezo gusa by'inama idasanzwe y'Umulyango w'Abibumbye iherutse kuba; nabyo kandi ni bikeya; kubera ko hali Ibihugu bishaka kwerekana ingufu zabyo no kugera ku cyabigilira akamaro byonyine; ahubwo, icy'ingenzi ni uko iyo nama yibukije Ibihugu ikibazo cy'intambara rusange yaterwa no gukabya kurundanya ibitwaro bishobora gutsemba Ibihugu, bikamara abantu n'ibintu.

Nemera ko ali ngombwa ko Umulyango mpuza-mahanga wakomeza kwihatira kugabanya ikorwa ly'intwaro zikomeye kugira ngo amafranga azigendagaho ashyirwe mu bikorwa by'amajyambere y'Ibihugu bikili inyuma.

Ubwo bulyo bushya, ndahamya ko bwazatuma imbaga nyamwinshi y'abantu bagikennye kandi bakomeza kuzitirwa n'icyo cyago bagera ku mibereho myiza.

Nyakubahwa Prezida,

Banyacyubahiro, Bavandimwe mwese muli hano,

Tugeze mu gihe tubona ali ngombwa rwose guhindura ubulyo bwo gufatanya mu by'ubukungu, kugira ngo amahoro n'umutekano bisugire ku Isi hose.

Tugeze mu gihe tugomba guhindura tudatinze ibitekerezo, kubera ko amahanga yose yumvise ko afite uburenganzira adashobora kwamburwa bwo kugera ku mibereho myiza y'ubukungu, iy'umuco, iy'ubumenyi n'iya tekiniki.

Ibice bitatu bya kane by'abantu batuye iyi Si biracyali mu karengane k'ubukene. Ni ngombwa ko abantu bashaka ubutabera mu mubano w'Ibihugu byose mu byerekeye ubukungu; ibyo nabyo bikaba ali umugambi ushyitse ukwiye kwitabwaho. Aliko,

ikibabaje ni izamuka ly'Ibiciro by'ibintu lihoraho, n'ihindagulika ly'agaciro k'ifaranga ku Isi.

Umulyango w'Abibumbye wifuje ko habaho ubulyo bushya bugomba kugenga ubukungu ku isi hose. Tukaba twizeye ko Ibihugu byose bigomba ubungubu gushingira kuli iyo ngingo kugira ngo byemeze ko bisangiye byose umutungo dukesha iyi Si yacu, kandi ko nibifatanyiliza hamwe, alibwo bizaba biteje abantu bose imbere.

Ni ngombwa rero ko Umulyango w'Abibumbye washyigikirwa koko kugira ngo ushobore kuvuganira abandi, n'ubwo limwe na limwe biruhanya. Dushimishijwe n'uko ubungubu Ibihugu bitaratera imbere bihura n'Ibihugu bikize bikavugana bitalyalyana ubulyo ibyateye imbere byafasha ibindi, mu byiciro bimwe na bimwe, tuvuge nk'ubulyo imyenda ihabwa Ibihugu bikennye yasubirwaho, ndetse bikaba byanasonerwa.

Banyacyubahiro,

Bavandimwe,

Ngibyo ibyo twagerageje kwiyumvisha ubwo twiyemezaga gukulikiza politiki y'ubusabane n'Ibihugu byose byacengewemo n'amahoro n'ubutabera.

Mu Bihugu byacu byombi, u Burundi n'u Rwanda, dushimishijwe no kubona icyo gikorwa cya ngombwa cyarageze ku ngingo yo gushaka gufatanya mu bulyo bweruye.

Uruzinduko rwacu ino aha ngaha hamwe n'imishyikirano intumwa z'Ibihugu byacu byombi zizagirana, ndiyemeza ko bizashinga imizi y'ubufatanye burenze ubwaliho, kugira ngo bugilire akamaro Abarundi bose, n'Abanyarwanda bose.

Mbere yo kurangiza aya magambo, ndasaba abatumiwe muli uyu mugoroba guhaguruka tukifuliza Nyakubahwa Koloneli Yohani-Baptista BAGAZA, Prezida w'Inama Nkuru Iharanira Amajyambere akaba na Prezida wa Republika y'u Burundi, n'Umulyango we wose, ishya n'ihirwe; twifuliza Igihugu cy'u Burundi n'icy'u Rwanda ubucuti n'ubuvandimwe, twifuliza kandi ubumwe muli Afrika yacu n'amahoro n'ubufatanye ku Isi yose.

Murakoze.

Mu byerekeye ubwo bufatanye, twishimiye ko mu rwego rw'Umulyango w'Ubukungu w'Ibihugu bikikije Ibiyaga Binini, ugizwe n'Ibihugu byacu byombi na Zayire, ali nabyo byashinze uwo mulyango, imishinga myinshi yashyizweho, ndetse imyinshi muli yo ikaba yaratangiye gukorwa.

Aliko rero, tubona ko ubwo bufatanye butakuraho umubano mwiza usanzwe hagati y'Ibihugu byacu byombi. Ahubwo, uwo mubano udutegeka guhamya koko ibikorwa bireba u Rwanda n'u Burundi; bitabalirwa mu by'Umulyango w'Ubukungu w'Ibihugu bikikije Ibiyaga Binini, n'iby'Umulyango wo gutunganya Ikibaya cy'Akagera. Ibihugu byacu byombi bigomba gushyira hamwe, bigafatanya kugira ngo bitere imbere.

Niyo mpamvu nshimishijwe no kwongera kugenderera Igihugu cyanyu, bikazatuma twembi turebera hamwe ubulyo twashaka izindi nzego nshya z'ubufatanye bwacu.

Ndemeza rwose, ubwo duhuje icyifuzo cyo kugilirana akamaro no guhuliza hamwe ubushobozi bwacu, ko tuzakuraho byinshi bituzitira, maze tukagera vuba ku majyambere y'Abaturage b'Ibihugu byacu.

Nyakubahwa Prezida,

Bavandimwe,

U Rwanda, kimwe n'u Burundi, ni Igihugu gito kandi kitaratera imbere mu majyambere. U Rwanda rugamije imbere imigambi y'amahoro n'umutekano mu Baturage barwo no mu bindi Bihugu by'incuti, ndetse no mu bindi Bihugu by'Isi yose. Tubona ko amahoro n'umutekano ali lyo shingiro ly'amajyambere.

Niyo mpamvu politiki y'u Rwanda mu byerekeye ububanyi bwarwo n'amahanga ishingiye ku bufatanye bukomeye hagati yarwo n'Ibihugu bihana imbibi n'ibindi Bihugu byose byitaye kugirana umubano na rwo.

Amategeko y'Umulyango w'Ubumwe bw'Afrika nicyo gikoresho cy'ingenzi gituma dushobora gukulikirana intego yacu mu mubano n'amahanga.

Nishimiye ko muli ibyo duhuje igitekerezo. Nishimiye kandi kubona ko Leta n'abaturage b'u Burundi, duhuje ishyaka n'umugambi wo kulimbura ubukolonize n'ivangura ly'amoko muli Afrika no guhamya ubwigenge bwacu muli politiki no mu bukungu

bw'umugabane w'Afrika, no guhamya ubutabera n'amahoro ku isi.

Na none kandi mbabajwe, kimwe namwe, n'igihe tugezemo, kirangwa n'ubukungu bw'isi bwihaliwe na bamwe bo mu gice cy'Ibihugu bikomeye ku isi, no kubona Ibihugu bitoya, cyane cyane ibitaratera imbere, bikomeza kulyamirwa n'ibikize mu byerekeye ubwo bukungu bw'isi yacu.

Dukomeje kandi guterwa impungenge n'intambara zose zihora zitegurwa mu mpande nyinshi z'Afrika. Turakeka ko zitegurwa ahanini n'abashaka aho bigulishiliza intwaro zabo.

Hafi yacu, hashize amezi atali make abavandimwe bacu basubiranamo, nyamara kandi bali bazwiho ko bakunda amahoro na kera kwose.

Tubabajwe twese n'iyo ntambara, tukifuza ko yahosha kuko Ibihugu byacu bikeneye amahoro. Ahubwo icyo tugomba guhagurukira twese ngo tukirwanye ali wa mwanzi wacu dusangiye utubuliza ubukungu kujya mbere.

Urebye n'uko ibintu byifashe muli Zimbabwe, muli Namibiya no muli Republika y'Afrika y'Amajyepfo, usanga biteye ubwoba, ndetse ukabona bishobora guteza intambara zikomeye cyane, hakameneka amaraso atagira ingano.

Tuzi twese ko abagulisha intwaro n'abashyigikiye abagizi ba nabi bo muli Afrika y'Epfo, baramutse babishatse, ibintu byahinduka maze abirabura bo muli icyo gice cy'Afrika bakabona agaciro gakwiliye buli muntu.

Kugira ngo bwongere ibikorwa bibi busanganywe, ubutegetsi bw'ivanguramoko bwa Pretoriya buherutse gukoresha, kuwa 30 z'ukwezi kwa mutarama muli uyu mwaka, itora linyuranyije n'amategeko kugira ngo bemeze ubutegetsi butemewe n'Abene-Gihugu, ahubwo bushingiye ku gasuzuguro gakabije k'ivanguramoko, bashaka kwerekana ko batitaye ku byemezo by'Inama Iharanira Amahoro ku isi, no ku byo amahanga yose abavugaho, abagaya.

Ubu, umwanya bagitegereje ko Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi yerekana ubushobozi bwayo, Afrika na Swapo bigomba guhora bili maso, kugira ngo batazabura ibyo bagejejweho n'intambara barwana na ba gashaka-buhake, n'ibihano byafashwe n'Isi

IJAMBO NYAKUBAHWA GENERAL-MAJOR HABYARIMANA YUVENALI, PREZIDA WA REPUBLIKA Y'U RWANDA NA PREZIDA-FONDATERI WA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, YAVUZE YAKIRWA KU MEZA NA PREZIDA WA REPUBLIKA Y'U BURUNDI MU GIHE YAGENDERERAGA REPUBULIKA Y'U BURUNDI KUVA KUWA 15 KUGEZA KUWA 18 GASHYANTARE 1979

Nyakubahwa Prezida Muvandimwe,

Banyacyubahiro,

Namwe mwese, nshuti muteraniye hano,

Mbanje kubashimira byimazeyo, ukuntu mwatwakiranye ubwuzu bwinshi n'ubucuti bwa kivandimwe.

Ni ubwa mbere ngenderera u Burundi ku mugaragaro kuva aho Republika yanyu ya kabili ishingiwe, ali nayo mwiyemeje kwitangilira n'imbaraga zanyu zose kugira ngo muyigeze ku majyambere no ku mutekano wuzuye. Aliko si ubwa mbere ngenderera u Burundi, kandi nagiye nza mu nama zagiye zihuza Abakuru b'Ibihugu bigize Umulyango w'Ubukungu w'Ibihugu bikikije Ibiyaga Binini, bateraniraga muli iyi Kapitali nziza y'Igihugu cyanyu. Muli ibyo bihe byose nashimishijwe no kubona ukuntu Abarundi bakirana ubwuzu bwinshi n'umutima ukeye abashyitsi babagenderera.

Uyu munsi rero, nongeye kubyibonera ubwanjye; nkaba nongeye gushimishwa cyane n'uko Mwebwe ubwanyu, Leta yanyu n'Abaturage b'Igihugu cyanyu, mutanyakiliye nk'inshuti gusa, ahubwo mwanyakiliye nk'umuvandimwe koko.

Mboneyeho kandi no kubagezaho indamutso ya gicuti na kivandimwe y'Abanyarwanda bose, bibumbiye muli Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Nyakubahwa Prezida Muvandimwe,

Nshimishijwe koko n'uko ndi mu Gihugu cy'Abavandimwe dufitanye umubano ukomeye kuva kera kandi ushingiye ku mateka amwe y'Ibihugu byacu byombi.

Twese, abaliho ubu n'abazadukulikira bose, dufite ibitekerezo bimwe dukomora ku muco umwe dusangiye.

Icyakora kandi tukaba dusangiye icyago cy'ubukene buturuka ku murage ubukolonize bwadusigiye mu byerekeye amajyambere n'ubukungu.

Aliko rero hali icyo dukwiye kwishimira: ni umwete Ibihugu byacu byombi bifite wo kurwanya ingorane nyinshi duhura nazo mu nzira yacu y'amajyambere. Tukaba kandi twaliyemeje gukomeza umubano uli hagati y'Ibihugu byombi kugira ngo duhulize hamwe ingufu zacu, maze turwanye izo ngorane dusangiye: muli zo, ikomeye cyane ikaba ali ubukene. Uruzinduko rwanjye iwanyu rukaba rero rugamije kwongera no kunonosora uwo mubano.

Nyakubahwa Prezida Muvandimwe,

Nshimishijwe no kubona ko ubu hali intambwe ndende wagezeho kuva igihe watangiliye kuyobora Igihugu cy'u Burundi.

Ukwiliye ishimwe ly'uko ushakira Abarundi ubwumvikane bwuzuye ubusabane; bikaba rero byerekana n'umutekano nyawo uzaba uli mu rubyiruko rw'ejo.

Parti yanyu ya UPRONA, mu maze kuyivugurura, muyerekeza mu nzira y'imizamukire y'Igihugu cy'u Burundi. Sinshidikanya ko nyuma y'iyi myaka yose imaze iliho, bikubitiyeho kandi n'ilyo vugururwa lyayo, muzagera rwose ku bikorwa birushijeho kugaragara mu nzira mwayihaye. Koko birazwi ko ubutabera n'ubwumvikane mu baturage, ingufu zose hamwe n'ubumwe nibyo nkingi nyakuli y'amajyambere.

Nishimiye rero n'igikorwa cyanyu cy'ingenzi cyo kwubaka Igihugu cyanyu no guharanira ko Ibihugu byacu byombi byakomeza ubufatanye n'ubwumvikane bwuzuye.

Ibyo binteye kwibuka uruzinduko rwanyu mu Gihugu cyacu mu w'1977. Ibyo byose bituma duhura, tukajya inama, tugahuliza hamwe ibitekerezo byacu, tukareba icyagilira akamaro Ibihugu byacu byombi, n'akarere dutuyemo n'Afrika yacu yose.

IJAMBO PREZIDA WA REPUBLIKA YAVUGIYE I KANOMBE AVUYE GUSURA KU MUGARAGARO IGIHUGU CYA KENYA (le 4/2/1979)

Mbere na mbere nagirango mbashimire mu mwanya w'abo twajyanye bose kuba mwaje kutwakira hano ku kibuga. Muzi ko tuvuye mu bushyitsi haliya mu Bavandimwe bo muli Kenya. Ubushyitsi bwabaye bwiza, batwakiliye neza cyane, batwereka koko ko ali incuti z'Abanyarwanda, ko ali Abavandimwe b'Abanyarwanda. Kenya ni Igihugu gikize, kibalirwa mu bikennye, aliko rero abantu ntibakena kimwe, n'Ibihugu ni uko. Nabo bakaba batunzwe cyane cyane n'ibiva mu buhinzi no mu bworozi, ni cyo kibakijije cyane. Aliko urebye Nairobi uko iteye, urebye imihanda bafite, urebye ukuntu bashishikara ku mulimo, ni abantu koko bakize, ni Igihugu cyateye imbere mu majyambere.

Ikindi kibaha amafaranga menshi ni ibyerekeye tourisme, ukwerekana ibyiza Igihugu gifite, babyereka abanyamahanga bamwe twita ba Mukerarugendo. Nabyo birabakijije cyane, ejo tukigera Mombasa, twasanze abantu bangana uko mungana ukunguku b'abazungu, jye nibwira ko Mombasa ituwe n'abazungu, abandi barambwira ngo baliya ni ba Mukerarugendo. Ni benshi cyane. Maze rero ikibakijije ni icyo ahanini ubuhinzi, ubworozi n'ibyo bya tourisme.

Imishyikirano twagize rero, ibintu byagenze neza, batwakiliye kivandimwe, icyali kitujyanye ahanini, ni ukugira ngo turebe ukuntu twarushaho gukomeza umubano dufitanye, ubucuti dufitanye no kugira ngo ibintu byacu, muzi ko byinjilira Mombasa, bikaba ali naho bisohokera biva mu mahanga, ibyo bintu turebe ukuntu twarushaho kubitunganya.

Mu mishyikirano twagize rero, icy'ingenzi twakwishimira, icyanshimishije jyewe ubwanjye, ni uko batwemereye ko bazaduha ikibanza ali i Maraba ku mupaka wa Uganda na Kenya, ali Mombasa aho ibintu bisohokera, bazaduha ibibanza, u Rwanda rukazubaka amazu, ibizu binini bya hangars byo kugira ngo tujye

turundamo ibintu bivuye mu Rwanda bijya mu mahanga cyangwa se biva mu mahanga biza mu Rwanda byoye gukomeza gutatana. Icyo rero kikaba ali icyemezo koko cy'umubano dufitanye n'ubucuti badufitiye, ubwo rero mu minsi ili imbere tukazashyirayo abantu, twemeje kuzashyirayo iposta bita mu gifransa «Consulat»; abantu baduhagaraliye kugira ngo barebe nyine ibyo bintu ali ibigenda ali ibyinjira, bubakishe n'ayo mazu kugira ngo, ayo masezerano twagiranye azakorwe vuba ahangaha.

Nanone hali n'izindi «accords» twasinyanye, nk'uko nabivuze batunzwe cyane cyane n'ubuhinzi n'ubworozi, bakaba rero nabo barateye imbere muli ibyo bice, bakaba bafite nabo za Instituts de recherches nyinshi zerekeye ibyo guhinga, zerekeye ibyo kworora, nkaba naremereye Prezida ARAP MOI, tukaba twarumvikanye ko namwohereza abantu bo muli Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, cyane cyane abo muli ISAR y'i Rubona, ni uko babimenya bakabishyira mu mpapuro gusa. Aliko bakajya kureba intambwe abongabo bateye mu gushakashaka icyateza ubuhinzi imbere, icyateza ubworozi imbere. Muli iyi minsi rero abantu bo muli ISAR bakazajya kubasura bakemeranya nabo ubwabo ibintu bya ngombwa bashobora gufatanyamo. N'abo muli Tourisme nabo, bakazajya yo nk'uko muli Tourisme bateye imbere cyane, bafite amahoteli menshi, aliko cyane cyane bafite abantu bazi kugira umushyikirano, bazi kwakira abashyitsi. Si ukuvuga ko Abanyarwanda batabizi, aliko rero turashaka kwongera kubyiga kurushaho cyane cyane kwakira abashyitsi bavuye mu mahanga ya kure, abo muli Kenya rero bakaba babizi neza, bakaba bafite n'amashuli abyigisha. Tukaba twemeranije ko abashinzwe Tourisme bazajya kubasura, bakareba ukuntu twakwohereza abantu bo kugira ngo batwigishilize. Mu magambo make ni ibyo, andi magambo maremare, abo twajyanye bo mu matangazo ya Leta bazabibagezaho. Maze nkaba mbashyikilije rero uko Prezida DANIEL ARAP MOI n'abandi bose twaganiliye, n'Abaturage baho batubwiye ko bishimiye Abanyarwanda, ko mbaramutsa.

Nkaba rero nkoze uwo mulimo bampaye wo kugira ngo mbashyikilize ubucuti, ubuvandimwe Igihugu cya Kenya, kidufitiye. Nanjye nkaba narabwiye Abanyakenya ko tubafiteho ubucuti bukomeye kandi ko twizeye ko urugendo nk'urwo ruzatuma dutera intambwe irushijeho muli uwo mubano no muli ubwo buvandimwe.

Kandi kugira ngo Uburezi bwacu bube ingirakamaro, Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu igomba gushaka no gushyigikira icyahesha agaciro umwuga wo kurera; ikirukana abadashoboye akazi n'abanebwe, aliko igatera inkunga abafite umutima mwiza wo kwigisha.

Ni ngombwa kandi gutegeka ko mu mashuli yacu kwigisha iby'ubuhanga byajya bijyana n'inyigisho nyazo z'ingororamutima n'izo kwita koko ku mulimo ushinzwe.

Naho urubyiruko rutashoboye gukulikira amashuli, Leta izihatira kurwigisha imyuga ishobora kuruteza imbere.

Twavuze kenshi ko umulimo wa mbere wa Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ali ugukangura urubyiruko rutagiye mu mashuli, bakaruha inyigisho zigamije amajyambere, cyane cyane ishingiye ku buhinzi n'ubworozi.

Iyo Ministeri izajya yita no ku nyigisho z'imyitozo y'ingororamubili; izo nyigisho kandi, tubyibutse, ntizigomba kuba umwihaliko wa bamwe mu Banyarwanda, ahubwo zigomba gutangilira muli Cellule no muli za Segiteri za Komini.

Manifeste itubwira ko Mouvement ishaka ko «imikino yakwitabwaho na za sports zigasesekara mu Makomini yose y'Igihugu. Ntibiterwe kandi gusa no kugira ngo abantu baruhuke iminaniro y'ibyo bakoze, ali iby'ubwenge, ali iby'imilimo isanzwe, ahubwo ali ukugira ngo biyumvishe ubuvandimwe, abantu bashyikirane kandi batume imyifatire yabo yubahwa kandi bitume bose bakanguka.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, ubukungu bwacu bushingiye ku buhinzi, no ku bworozi.

Niyo mpamvu rero Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi igomba guhora yita ku ntego ya mbere ya Plan yacu y'Amajyambere y'imyaka itanu aliyo yo kubona ibilibwa bihagije Abanyarwanda. Ibyo izabigeraho ibwiliza abahinzi kwongera umusaruro kandi ihuza, ku bulyo bunonosoye, ubuhinzi n'ubworozi. Bityo umuturage akarushaho kulya neza, kandi akalya ibirushijeho kugira ibya ngombwa bitunga umubili wacu.

Ku byerekeye imishinga y'ubuhinzi bwa kijyambere, Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi izashaka ubulyo abahinzi bashaka gukoresha ubulyo bwa kijyambere bwo guhinga bashobora kwaka

imfashanyo Ibigo biguliza, kugira ngo babone ibikoresho bishya n'ibindi byose bakeneye. Ibigo biguliza abahinzi n'aborozi rero bigomba gushingwa bifatiye ku migambi no ku mutungo w'Isanduku itsura amajyambere ya Komini n'uwa za Banki z'Abaturage.

Izategura kandi imigambi izatuma mu gihe kili imbere, turangiza neza ivugurura ly'ubulyo bwacu bwo guhinga nk'uko Plan yacu y'Amajyambere ibidutegeka, tukanamenya no gukoresha uko bikwiye ubutaka bwacu.

Twongere twibutse ko Agronome na Veterineri bagomba kureka wa muco wo gukorera mu biro, bakajya mu milima, bakereka Abaturage uko bagomba kurwanya isuli, uko bagomba gukoresha ifumbire — uko bakwiye gukwirakwiza imbuto z'indobanure no guteza imbere ubworozi.

Iyo Ministeri izagira nayo uruhare mu mirangilize ya politiki yerekeye ihunikwa n'icuruzwa ly'imyaka hagati y'uturere tw'u Rwanda, kugira ngo ibilibwa bikenewe birusheho gukwira kandi ibiciro bihame hamwe.

Izihatira kwongera umusaruro ali mu bihingwa ngandurarugo ali no mu bihingwa ngenga-bukungu.

Ministeri y'Umutungo w'Igihugu na za Mini izakomeza politiki yayo yo gushakashaka no gucukura umutungo wacu na za mini mu bulyo bwizwe neza. Twizeye ko ubutaka bw'u Rwanda bufite ubukungu buhagije bwatuma amajyambere yarushaho kwiyongera. Ikiruhije gusa ni ukubona amafranga yo gukoresha.

Iyo Ministeri igomba kandi gukora uko ishoboye kugira ngo turusheho kugira impuguke z'Abanyarwanda muli urwo rwego, zizi neza gushakashaka no gucukura umutungo w'ubutaka bwacu.

Ni ngombwa kandi no kwibuka guhugura abakozi ba za mini b'inzego zose, kugira ngo ibikomoka kuli za mini, ku nganda zazo byiyongere.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Kuva kuwa 5 Nyakanga 1973, twakulikiye politiki y'amahoro n'ituze mu Gihugu.

Abanyarwanda bose bamaze kwerekana ko bashyigikiye byimazeyo iyo politiki y'amahoro n'umutekano.

ENTRETIENS 12

None twabonye ko uyu munsi byaba byiza gufata ibyemezo bigilira imbabazi Abanyarwanda bali mu bihano.

Mbere na mbere nkaba nsabye Abanyarwanda bose kwibagirwa burundu ibibi byakozwe n'uwahoze ali Umukuru w'Igihugu, Geregori KAYIBANDA.

Tumuhanagure ho ubwo busembwa kubera ibikorwa yakoreye u RWANDA, n'ubwo byaje kwanduzwa n'abamunanije maze bakamushuka.

Ni ukuvuga ko, dukoresheje ububasha dufite, dukuyeho ibyali byemejwe n'urukiko rwa Gisilikali ku italiki ya 29 Kamena 1974, n'iteka lya Prezida lyo kuwa 19 Nyakanga 1974.

Muzi ko uwo Geregori KAYIBANDA yitabye Imana kuwa 15 Ukuboza 1976, iwe i KAVUMU.

Na none dukoresheje ububasha dufite, twemeje kugabanya ibihano by'abaciliwe imanza n'inkiko z'u RWANDA, mbere y'uyu munsi wa none.

— Abali barakatiwe urwo gupfa bazahanishwa gufungwa burundu;
— Abali barakatiwe gufungwa burundu bagabanilijwe igihano cyabo bagafungwa imyaka makumyabili;
— Abali barakatiwe, mbere y'uyu munsi wa none, n'Inkiko z'u RWANDA, bali bafite igihano kirenze amezi atatu y'igifungo, bagabanilijwe bose kimwe cya kabili cy'igihe bali barakatiwe.

Ministri Ushinzwe Ubucamanza niwe uzubahiliza bidatinze icyo cyemezo, agashyiraho n'andi mategeko abona ali ngombwa kugira ngo amahoro akomeze asakare mu Makomini nko kubuza ababababaliwe kuva muli Komini badafite icyemezo cya Burgumestri.

Icyakora izo mbabazi ntizireba abaciliwe urubanza aliko bakaba baratorotse.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Twumvise neza twese ko amajyambere y'Igihugu cyacu areba Abanyarwanda bose. Tuzi twese ko ali twe twenyine dushinzwe imibereho yacu mu gihe kizaza. Twarabyumvise neza koko, n'ubwo bimwe bitangiye kugaragara bishaka kurwanya umwete dufite no kubangamira intego yacu.

Dukomere k'ubumwe bwacu, duhulize hamwe ibikorwa, turusheho kugira umwete mu kwunga imitima y'Abanyarwanda bose.

Turwanye buli gihe ukwivangura, abakozi bo mu biro bilinde guterana amagambo mu mpapuro no kwihunza ibyo bashinzwe, maze twese duhuze umugambi no kwitangira amajyambere y'Igihugu cyacu.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Nongeye kubashimira ubwizere mumaze kunyereka, ndabamenyesha nanjye ko ubwo bwizere mbubafitiye. Nongeye kubasezeranira ko nzitanga uko mbishoboye kugira ngo dutere indi ntambwe igaragara mu nzira y'amajyambere, muli iyi myaka itanu ili imbere. Nzi kandi ko muzakomeza kubimfashamo, mungira inama kandi mungezaho ibitekerezo byanyu.

Bityo twese hamwe, Prezida wa Republika, Ministri, Abasilikali, Abahinzi-borozi, Abanyeshuli, Abacuruzi n'Abihaye Imana, twese dushakire hamwe, mu bwumvikane no mu mutekano, ibikorwa byose byatuma amajyambere y'Igihugu cyacu yiyongera kandi vuba.

Umugambi wacu ni umwe, **UBUMWE, AMAHORO, AMAJYAMBERE.**

Kanama 1973, twavuze ukuntu ibyo bibazo bikomeye kandi byihutirwa, twavuze kandi ko Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu igomba «gutuma ubulyo bwo kwiga ibibazo buhulizwa hamwe kugira ngo amashuli mu Rwanda arusheho gukulikira inzira nziza».

Kuva icyo gihe, ibyemezo bikomeye byagiye bifatwa. Leta yemeje ibintu by'ingenzi bigamije kuvugurura amashuli, yemeza ukuntu ilyo vugurura ligomba gukulikizwa mu mashuli abanza, ay'ingoboka n'ayisumbuye. Imilimo y'ilyo vugurura mu mashuli abanza barayikorana umwete, ali muli Ministeri y'Uburezi, ali no mu makomini yose y'Igihugu. N'ubwo imilimo itarakorwa ikili myinshi, twizeye ko izarangilira igihe cyateganijwe.

Plan ya II y'amajyambere y'imyaka itanu, imaze imyaka ibili ikulikizwa, yemeza ko ilyo vugurura ligomba kugera no mu mashuli yisumbuye n'amakuru. Ni ngombwa rero ko Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu ikomeza icyo gikorwa kugira ngo izo nzego zombi zivugururwe mu bulyo buhuje n'ibyo Igihugu cyacu gikeneye mu majyambere rusange yacyo.

Umulimo wo kwerekana intego z'ingenzi n'imiterere myiza y'inzego zose z'uburezi mu Gihugu cyacu, si uw'ibiro byo muli Ministeri gusa, ahubwo uburezi ni ikibazo kireba inzego nyinshi n'ubutegetsi n'ababyeyi ubwabo.

Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu izihatira rero gukomeza ilyo vugururwa ly'amashuli.

Kuwa 5 nyakanga 1978 twibukije Ministri w'Uburezi bw'Igihugu n'abigisha bose ko bakwiliye kwita cyane ku bice usanga kugeza ubu bititaweho, nk'imilimo y'amaboko, amateka kimwe n'umuco by'Igihugu cyacu.

Iyo Ministeri igomba guteza imbere, kurusha mu bihe bishize, ibigo n'imilimo yose yerekeye ubushakashatsi bw'ubumenyi.

Programu y'ivugururwa ly'amashuli yemejwe na Leta, programu namwe mwagize icyo muvugaho mu itegurwa lyayo, ni ndende.

Ikeneye gushyigikirwa n'Abanyarwanda bose. Niyo mpamvu, mu ikulikizwa lyayo, Ministeri y'Uburezi bw'Igihugu igomba kugendana ubwitonzi, igahora iteze amatwi abigisha n'ababyeyi kugira ngo imenye niba programu yaracengeye neza abagomba kuyikulikiza no kugira ngo ikosore aho byaramuka bibaye ngombwa.



Abategetsi ba Republika ya Kabili bashyigikiye ibikorwa bitsura amajyambere mu mijyi no mu byaro. Bashyigikira kandi bishimira ibikozwe n'amaboko yacu twese abana b'u Rwanda, dufatanyije n'abagiraneza bashaka kutuvuna.



Ikibazo cy'amacumbi kimaze kwiyongera. Abakoresha bamwe bageraageza kukigabanya bubakira amazu abakozi babo cyangwa babaguliza amafaranga yo kwubaka.

Ifatanyije na Banki Nasiyonali y'u Rwanda, izakulikiza amabwiliza yatanzwe n'inzego zose za politiki yerekeye igulizwa ly'amafranga mu bulyo bwa demokrasi no mu butabera.

Kuwa mbere Kanama 1973, twasabye ko Ibigo biguliza amafaranga byakwihatira guteza imbere ibikorwa byo mu cyaro, bitanga mafaranga yo gutsura amajyambere mu byerekeye imyuga, ubuhinzi, ubworozi n'ubucuruzi bw'aho mu cyaro. Icyo cyifuzo turacyagifite.

Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi, izakora umulimo wo gutsura ubukungu bw'Igihugu no gutunganya ubucuruzi mu Gihugu no mu mahanga.

Izateza imbere inganda n'imyuga, ishyigikira cyane cyane ishingwa lyazo mu cyaro. Ifatanyije n'izindi nzego z'Ubutegetsi, izakoresha ubulyo bwose bwatuma umusaruro wiyongera.

Izagomba kwemeza politiki nshya mu byerekeye gushinga inganda, kugira ngo yongere ubwinshi bw'abakozi kandi ibintu biva mu mahanga bihenda bisimburwe n'ibikorerwa mu Gihugu cyacu. Uko guteza imbere inganda bizihatira cyane guhesha agaciro ibikomoka ku buhinzi.

Izashyiraho kandi amategeko agenga ibiciro. Ikazarwanya ubwihalire mu bucuruzi, ikazashyiraho n'inyigisho zo guhugura Abacuruzi b'Abanyarwanda. Ishinzwe no gushaka icyatuma ibiciro by'ishingiro by'ibilibwa tweza bigilira akamaro umuhinzi. Iziga ubulyo bwo guhunika neza ibyo bilibwa no kubigeza mu turere biteramo.

Iyo Ministeri izatsura za Banki z'Abaturage, zigashingwa mu Gihugu hose, kandi zigafasha koko Abaturage mu mizamukire yabo.

Iyo Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi igomba rero gushyiraho amategeko rusange yo gutumiza ibintu no kubyohereza mu mahanga, igatanga imigambi ya politiki yerekeye ubukungu, kandi igatera inkunga Abanyarwanda kimwe n'inshuti z'Abanyamahanga bashaka gushora imali mu mishinga izamura Igihugu.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Manifeste ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda idusaba kwiyumvisha, buli munsi kurushaho,

ko imbaraga zacu bwite alizo zizatuma tujya mbere. Ngicyo igituma Abanyarwanda bose bagomba kwibumbira hamwe, bagahuliza hamwe imbaraga zabo mu majyambere. Aliko na none mu gihe kirekire tuzakomeza kwuzulisha imbaraga zacu imfashanyo z'inshuti. Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ishinzwe gusaba ko kwongera izo mfashanyo ikoresheje politiki y'umubano n'Ibihugu byose bitwizeye kandi bishaka kudufasha mu kurwanya ubukene. Ishinzwe gukulikiza politiki itagira aho ibogamiye, ishingiye ku gushakashaka amahoro y'Isi yose, ku bufatanye budufitiye akamaro n'ubucuti, aliko atali ubucuti bwo mu magambo gusa, ahubwo ubucuti buzira ubulyalya, bufashanya bukagira icyo bugeraho. Iyo Ministeri igomba kugenzura ko izo mfashanyo zikoreshwa neza, ikanareba ko abatanga izo mfashanyo badacibwa intege n'ubunebwe bw'abakozi bo mu biro babishinzwe, kenshi batinda gutanga ibisubizo by'imishinga bashyikilijwe. Izo mfashanyo kandi zigomba gushorwa mbere na mbere mu bikorwa bigamije koko kuzamura imibereho y'Abaturage nyamwinshi.

Ba Militantes, ba Militants,

Twatangiye programu ndende yo kuvugurura imiterere y'imyigishilize mu Rwanda. Iyo programu ihuza n'icyifuzo cya Manifeste ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda idutegeka gushaka impuguke z'inyanga-mugayo kandi zifite ubushobozi butihishira mu bya tekiniki:

— gukwiza uko bishobotse amashuli mu mpande zose z'u Rwanda;
— kwigisha abantu bakagira ubwenge, bagashishikalira umulimo ali uw'amaboko ali n'uw'ubwenge;
— kugerageza guhuza uburezi n'inyigisho z'urubyiruko, kugira ngo nyine urubyiruko rutashoboye gukulikira amashuli ruhite rutangira gufasha abandi Banyarwanda kwongera umusaruro w'Igihugu.

Niyo mpamvu uyu mwaka w'1979 twawise **UMWAKA W'UBUREZI.**

Mu by'ukuli, ibibazo by'uburezi nta gihe tutabyitayeho kuva Republika ya II ishinzwe. Muli diskuru-programu yo kuwa mbere

bagomba rero gushaka icyazamura cyose imilimo, kikongera umusaruro kugira ngo abana b'u Rwanda bose babone ibibatunga.

Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, izakomeza umwete wa Leta wo gushaka ibishobora byose guteza imbere imizamukire y'Abaturage (kwongera za koperative, kwigisha Abaturage gusoma no kwandika, kubajijura, gutura neza, gukwiza amazi meza mu byaro).

Gutura ku bulyo butatanye ntibituma Abaturage benshi bashyikira ibyiza bikomoka ku matwara mashya yo kuvugurura Komini. Niyo mpamvu dusabye Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative gukomeza gushaka mu rwego rwa za Komini ubulyo bwo gukangura no kwigisha bushingiye ku makipe akorana iteka n'ubutegetsi butsura amajyambere y'akarere. Kuko guhindura umuco w'Abaturage bizaterwa no kwita ku nyigisho zabajijura buli gihe.

Ibigo by'amajyambere muli Komini, bizajya byita ku myitozo n'amasomo y'abahinzi batowe mu makipe y'Amaselire, tukazatangilira ku bashinzwe ayo Maselire ubwabo.

Bityo inzego za Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere zishobora kurushaho guhindura, nk'uko tubyifuza, umuco w'Abaturage mu cyaro. Zizarushaho gucengera mu misozi no kugira akamaro, kuko bitazaguma mu rwego rwa politiki gusa, ahubwo bizita ku cyazamura amajyambere cyose: ubuhinzi, ubworozi, isuku, ibilibwa bihagije, ibibazo by'urubyiruko, imitunganyilize y'ubutwererane mu baturage.

Ibyo bizatuma tugabanya ingorane ziterwa no gutura mu cyaro ku bulyo butatanye. Kwegeranya ingo z'Abaturage na byo bikazaza buhoro buhoro, biturutse ku majyambere yiyongera muli Komini.

Mu buvuzi, tuzashyigikira igitekerezo cyo gukwiza Ibigo by'ubuvuzi mu byaro.

Ministeri y'Ubuvuzi izibanda cyane ku bulyo bwose bwa ngombwa butuma abakozi bayo barushaho kwubahiliza umulimo wabo, yibutsa ibyo bagomba kutarengaho kandi ishakashaka n'umuti w'ibibazo bivuka kugira ngo itere inkunga abafite umwete wo gukora.

Ministeri y'Ubuvuzi, hamwe na Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo, zigomba kwiga vuba ukuntu abakozi babona imiti ku bulyo butavunanye.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Amahoro twagaruye mu Gihugu cyacu yatumye Abanyarwanda bose bahagurukira kurushaho kubaho neza. Amajyambere azava mu guhuliza hamwe imbaraga z'Abanyarwanda bose. Ubwitonzi, umurava, ubushobozi, nibyo bigomba kuranga ibikorwa byacu.

Abanyarwanda, kugira ngo bashobore kwitangira rwose amajyambere, bagomba kumenya ko balinzwe n'ubutabera bwuzuye. Twavuze ko ubutabera ali bwo butuma umuntu amenya aho Igihugu kigeze mu bwigenge bwacyo.

Twamaganye amakosa aboneka mu Bucamanza bwacu. Abashinzwe Ministeri y'Ubucamanza bagomba rero gukora uko bashoboye bakayakosora. Ni ukuvuga ko bagomba kurwanya ubunebwe, na ruswa. Abacamanza bagomba kandi kwitabwaho cyane n'abashinzwe kubigisha no kubahugura.

Twizeye ko ivugururwa ly'inzego nkuru z'Ubucamanza bw'u Rwanda zizatuma burushaho kugenda neza no guhuza n'icyizere tubufitiye.

Iyo Ministeri isabwe guhana bikomeye abaligisa imali ya Leta, no kwishyuza abafite imyenda ya Leta. Izabifashwamo n'izindi za Ministeri zishinzwe gucunga imali n'ubukungu bw'Igihugu.

Dukulikije kandi imiterere y'ubukungu n'imibereho y'Abaturage mu Gihugu cyacu, turasanga igihe kigeze cyo gushyiraho Urukiko rw'Ubucuruzi n'urw'Imilimo.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Mu byerekeye Ubukungu, Ministeri y'Imali izakomeza kulinda ifaranga ly'Igihugu, yongera umutungo w'isanduku, igenga neza amafaranga akoreshwa, yilinda gutanga amafaranga mu bitali ngombwa, irwanya abaligisa imali ya Leta, kandi yishyuza imisoro cyane cyane mu bucuruzi.

Ba Militantes, ba Militants,

Tuzi neza ko ingorane zimwe tugira ziterwa n'uko Igihugu cyacu kili kure y'inyanja.

Leta ikaba izakomeza amatwara dufite yo gushakira Igihugu cyacu inzira zakigeza ku nyanja, no gutunganya imihanda kugira ngo uturere twose tw'Igihugu tubashe kugendwa kandi ibintu bive mu turere tumwe bijya mu tundi nta ngorane nyinshi.

Tulibutsa ko imijyi igomba kugira za «plans» kugira ngo iyo mijyi yubakwe neza, abantu bajye ahantu hamwe, no kugira ngo amazi n'umuliro birusheho gukwizwa mu ngo.

Hagomba n'umwete mu gufata neza amazu ya Leta. Tuzi ko uwo mwete uterwa n'uko bije yacu ingana, aliko kandi biteye isoni kubona amazu menshi ya Leta yononekara kubera ko abayashinzwe batayitaho. Ministeri y'Imilimo ya Leta n'Ibikoresho igomba kandi kutwereka ubulyo bwo kwubaka bituma amafranga adapfa ubusa kandi bigatuma dukoresha ibikoresho bikomoka mu Gihugu cyacu.

Leta izita kandi ku bulyo bwo gutumanaho ali nacyo gikoresho kindi twakwifashisha kugira ngo dukingure amarembo y'Igihugu cyacu. Ubwo bulyo bugomba kandi kwongerwa.

Izashyiraho politiki igomba gukulikizwa mu byerekeye za transiporo, ikazita no ku bya ngombwa byose kugira ngo iyo politiki ikulikizwe; ibyo izabigeraho yibanda cyane cyane ku kwongera amamodoka manini yo gutwara abantu n'ayo gutwara ibintu ku bulyo buzana inyungu iboneye kandi bugabanya ingorane zituma ikiguzi cy'ibintu byose bicurujwe mu Gihugu cyiyongera.

Ibyo bikazajyana no kwongera ubulyo bwo gutumanaho hagati ya za Prefegitura, za Komini n'ibindi Bigo by'imilimo y'amajyambere.

Ku byerekeye ubwiyongere bw'Abanyarwanda, navuze mu zindi disikuru ko umubare w'Abaturage utagomba gukabilizwa ngo ni munini bikabije cyangwa ngo bahore bavuga ko ali impamvu yatubuza kugera ku majyambere. Kuko ayo majyambere azanwa ahanini no gukora kw'abantu. Ahubwo icyo Abategetsi bose bagomba kwitaho ni uko u Rwanda rugomba gutunga Abanyarwanda bose. Abashinzwe gutunganya programu y'imilimo



Lors de la Quinzaine des Projets, en inaugurant ceux qui ont déjà abouti et en posant la première pierre à ceux qui commençaient, le Chef de l'Etat a mis l'accent sur le zèle à réserver pour la réalisation de ceux qui sont en cours.

«Mens sana in corpore sano». Parmi les préoccupations des dirigeants de la II° République, la santé n'est pas négligée; ils ont le souci de l'améliorer en créant plusieurs centres de santé et en sensibilisant la masse pour sa participation active.

byose byahagarara, Abaturage ntibongere kugilira ubwizere Abayobozi babo. Komini yaravuguruwe, niyo shingiro ly'amajyambere. Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu igomba gukomeza icyo gikorwa cyo kujijura no kubumbira hamwe Abatura-Rwanda mu gushaka amajyambere. Igomba gukulikirana no gutunganya ibyatuma byose Komini iba koko intanga-rugero mu bikorwa byose byerekeye imibereho y'Abatura-Rwanda, ubukungu n'umuco w'Igihugu.

Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ifatanije n'Ibiro Bikuru bya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere, bizashaka uko abakozi bose b'Igihugu bahugulirwa kenshi imilimo bashinzwe.

Twongeye gusaba Abakuru ba za Cellules, Abajyanama ba Komini, Ababurgumestri, Abaprefe n'Abakuru b'Imilimo, kurwanya batizigamye icyabangamira cyose amajyambere, nk'ubusinzi n'ubuzererezi. Abo babishinzwe bose rero bagomba kugenzura buli gihe niba amabwiliza yatanzwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yerekeye amasaha yo gufungura amakabare akulikizwa.

Birababaje kubona ubutegetsi bwa Burgumestri muli Komini hamwe na hamwe bubangamirwa n'ubutiliganya, n'abantu bamwe bigize intakoreka cyangwa intabwirwa. Ushinzwe Komini akwiye gufashwa kugira ngo ashobore gukangura no guhuza izindi nzego z'imilimo zili muli Komini. Uko guhuza imilimo na none kugomba guhagurukirwa ku rwego rwa Prefegitura, kandi dutekereza ko bumwe mu bulyo bwo kubigeraho ali uguha byuzuye Prefegitura ubuzima-gatozi isanganywe.

Umulimo w'ingenzi w'inzego z'ubutegetsi ni uwo gukangulira Abaturage amajyambere.

Birumvikana ko politiki y'Igihugu cyacu igomba gukulikiza inzira yatanzwe n'inzego za Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Hagati y'iyo Ministeri n'izo nzego, ntabwo akazi kagomba gukorerwa mu bwigunge, umwe ukwe undi ukwe; ahubwo kagomba gukorerwa hamwe mu mutekano no mu bwumvikane.

Ibikorwa by'UMUGANDA bigomba gutegurwa neza kandi bigakorwa byibanda ku kamaro ka rubanda-nyamwinshi. Bamwe ngo baracyarwanya umuganda w'abali n'abatega-rugoli. Twe

twavuze ko buli Segiteri, na buli Cellule, biteganya imilimo izakorwa, ugereranyije n'ingufu zabo. Aliko imilimo yemejwe ityo igakoranwa umwete, kandi igatunganywa.

Ministeri ya Plan ikazafasha Abategetsi bose mu milimo y'ilyo tegurwa ly'Umuganda. Nk'uko ishinzwe umulimo wo gutunganya no kwubahiliza Plan y'Amajyambere y'Igihugu, kureba buli gihe ibikorwa bimaze kugerwaho no kubimenyesha Abaturage kuko mu by'ukuli, guteganya ali umulimo wa ngombwa kugira ngo dushobore gutera imbere.

Iyo Ministeri igomba rero guhuza neza ibikorwa byacu n'intego tugomba kugeraho, ni ukuvuga ko buli mushinga, waba uwo mu rwego rw'ubukungu, urw'imizamukire y'Abaturage cyangwa rw'umuco, ugomba kuba ukwiranye na programu yashyizweho na Plan yacu y'Igihugu.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, amajyambere yacu agomba kuba igikorwa cya buli Munyarwanda kandi Umukuru agaha uwo ayobora urugero rwiza.

Nidukomeza kwiyongeramo umurego nibwo tuzakomeza kurwanya ubunebwe mu kazi, duhemba abakoze neza, dukosora, mu butabera, amakosa abonetse, cyangwa twigizayo abananiranye. Iyo niyo nzira abashinzwe Abakozi ba Leta bagomba gukulikira.

Hali bamwe bavuga ko Republika ya II idahana abakozi ba Leta bikorera ibyabazamura ubwabo. Mbanje kubabwira ko jye nishimiye ko politiki ya Republika ya II yatumye Abanyarwanda, ndetse na bamwe mu bakozi ba Leta, bagira ibikorwa by'ingirakamaro; ibyo bikorwa ntabwo byagiliye akamaro ba nyirabyo gusa cyangwa ababo, ahubwo byabaliwe no mu bikorwa by'amajyambere twishimiye kuba twaragezeho. Aliko icyo turwanya ni ugukoresha nabi igihe cy'akazi, ugafata igihe wagombye gukorera imbaga nyamwinshi, ukikorera ibyawe. Icyo turwanya ni ukwiba, ni ugushaka gukira wenyine. Kuli iyo ngingo kandi nsabye ko hashyirwaho amabwiliza agaragara avuga neza aho umukozi wa Leta ashobora gukoresha umutungo we ku bulyo bumufitiye akamaro, nta kwica amategeko amugenga cyangwa se ngo bigabanye umurava we ku kazi ashinzwe.

dushyiraho amatwara ya Muvoma mashya yo kugira ngo twese hamwe, abahutu, abatutsi, abatwa, Umunyarwanda aho yavukiye wese azane imbaraga ze kugira ngo twubake u Rwanda rwacu. Maze ibyo Ambasaderi azabibasobanulire, Muvoma yacu uko iteye, Muvoma yacu icyo ishaka ntishaka ko Abanyarwanda batatana. Namwe uko muli hano muli Shaba, uba umuhutu, uba umutwa, uba umututsi, waravukiye ku Kibuye aho bajyaga kwigisha muli Mabanza hejuru, uba waravukiye he, twese tugafatanya kugira ngo tuzamure u Rwanda rwacu, si byo! U Rwanda rwacu ramba! Muvoma yacu ramba! Murakoze!

IJAMBO NYAKUBAHWA GENERAL-MAJOR HABYARIMANA YUVENALI, PREZIDA WA REPUBLIKA Y'U RWANDA NA PREZIDA-FONDATERI WA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA, YAVUZE KU MUNSI YIFULIZAGA ABATURARWANDA UMWAKA MUHIRE WA 1980

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Umwaka w'1979 urarangiye. Dutangiye umwaka mushya w'1980. Ndifuza ko wabera buli Munyarwanda, umukuru n'umuto, umwaka w'amahoro, umwaka w'amahirwe, n'uburumbuke. Uzatubere twese umwaka w'ubwumvikane buzira ubulyalya, uzatubere umwaka w'izindi ntambwe nyinshi mu majyambere.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Umwaka w'1979, wabaye intangiliro y'intambwe nshya mu Gihugu cyacu. Niwo Prezida wa Republika ya Kabili yatangiliyemo manda ye, amaze gutorwa n'Abaturage, bakulikije Itegeko-Nshinga lishya lya Republika, amahoro n'ubumwe bw'Igihugu byarushijeho gushinga imizi. Kubera ayo mahoro n'ubwo bumwe, Leta yarushijeho gutsura amajyambere y'Abanyarwanda. Amabwiliza ya Mouvement yatumye bagumya kwihatira kugera ku majyambere.

Ndabibutsa ko amahoro, ubumwe n'ubwumvikane alizo nkingi z'ibikorwa byacu. Ndifuliza abafite umutima mwiza bose gucengerwa n'izo ntego. Bityo, isi izarusheho kuba nziza, abantu barusheho gufatanya, kwumvikana no kwumva ko ali abavandimwe. Niyo mpamvu nifuza ko uyu mwaka uje, wabera isi yacu intangiliro y'igihe cyiza cy'amahoro n'ubwumvikane, abantu bakareka kwangana no kulyana.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Kuli buli ntambwe dutera tugana amajyambere, ni byiza gusubiza amaso inyuma, tukishimira ibyiza byakozwe, tukiyibutsa n'imwe mu migambi y'intego tugomba kugeraho.

Uyu munsi rero, nsanze ngomba kubibutsa ko, kuva nashinga Leta ya mbere ya Republika ya Kabili, hashize imyaka irenze 6, nerekanye ko imiterere y'amashuli n'inyigisho zayatangirwagamo n'ubulyo zatangwaga, bitali bihuje n'igihe tugezemo.

Icyifuzo cyanjye cyabaye icyanyu, kuko mutashidikanyije gufasha Leta gushaka ubulyo bwose bwatuma hatangira ivugurura ly'amashuli lihuje n'ibyifuzo by'Abanyarwanda, n'imibereho yabo kimwe n'imiterere y'ubukungu bw'Igihugu cyacu. Ababishinzwe bakomeje gusobanura icyo ilyo vugurura ligamije: gutegulira urubyiruko imibereho ishobora gutuma rugira uruhare mu majyambere y'Igihugu, kwigisha urwo rubyiruko no kwongera umusaruro, gushyiraho inyigisho zateguwe neza, ku bulyo Igihugu cyacu cyabona abakozi gikeneye mu nzego zose z'amajyambere giharanira.

Muli uko gutegura urubyiruko, twashatse ko umuco karande w'Igihugu ushinga imizi, kugira ngo abaturage bacyo bazarusheho kubana neza n'amahanga. Ni ibyo rero twihatiye muli uyu mwaka wa 1979, twise Umwaka w'Uburezi mu Rwanda.

Kubera iyo mpamvu, nejejwe no kubashimira ko mwitanze kugira ngo programu nini nk'iyo itungane. Abanyarwanda bumvise ko icyo gikorwa gikomeye cyo kuvugurura amashuli ali bo cyali gifitiye akamaro, maze baracyitangira rwose kugira ngo gitungane.

Ni ngombwa kubamenyesha ko mu Rwanda hose, amashuli mashya arenze 2200, alimo arenze 1200 yagenewe imyaka ya 7, hafi yose yuzuye. Ikindi, n'ubwo habayeho ingorane z'ubwoko bwose, iyubakwa lya za ateliye 220 zateganyijwe, ahenshi lyararangiye, ahandi lili mu nzira zo kurangira.

Muli ibyo bikorwa byose, uretse UMUGANDA n'imisanzu yatanzwe n'abaturage, imfashanyo y'Amakomini n'iy'imilyango imwe n'imwe y'abagiraneza, kugeza ubu Leta yatanze umusanzu w'amafranga miliyoni 435, alimo amafranga 113 000 000

yafashishijwe Komini zirushije izindi gukena. Byongeye kandi, iyubakwa ly'amashuli mashya na za ateliye lyajyanye n'ibindi bikorwa byinshi, nko kugura ibikoresho bishya, kwongera umubare w'abalimu, guha abali basanzwe inyigisho zo kubahugura, no gukora ibitabo by'inyigisho.

Mboneyeho no gushimira cyane imilyango n'Ibihugu by'incuti byadufashije gutangira programu yacu y'ivugurura, bilimo Ubudage bw'Iburengerazuba, u Bufransa, Banki y'Isi yose, Ikigega cy'Ibihugu by'i Burayi gitsura Amajyambere n'ishami lya ONU bita UNICEF. Kugeza ubu, imfashanyo byahaye u Rwanda, irenze amafranga miliyoni 750.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda, nashatse kubasobanulira ibyo byose, ali ukugira ngo mbereke ko ivugurura ly'amashuli mu Gihugu cyacu lyasabye buli wese muli mwe kwitanga, kandi ko lyatumye habaho ubwuzuzanye duhora twifuza, hagati y'imbaraga zacu bwite n'imfashanyo ziva mu mahanga.

Ibyakozwe rero biradutera inkunga muli uyu mwaka wa mbere w'Ivugururwa ly'Amashuli, bigomba no kutwibutsa ko inzira ikili ndende, kandi ko tugomba kwitanga kugira ngo ilyo vugururwa lizakomeze mu nzira nziza.

Mu by'ukuli, ndibutsa ko muli uyu mwaka wa kabili, tugomba kwihatira kwuzuza amashuli y'umwaka wa munani na za ateliye zawo n'andi mazu ngombwa amashuli y'Imyuga azatangiliramo mu mwaka wa 81. Muli icyo gihe kandi, abalimu bazakomeza guhugurwa, ibikoresho bikomeze bishakwe, ibitabo by'inyigisho bikomeze bikorwe kimwe n'itegurwa ly'amashuli yisumbuye azakira abanyeshuli bazaba bavuye mu mwaka wa munani. Iyo programu y'ibikorwa izajyana kandi no kurangiza programu ikorwa ubu, yerekeye amategeko yo guhesha agaciro umulimo w'ubwalimu no gutegura uko amafranga azajya atangwa ku biga mu mashuli makuru, hakulikijwe Plan y'Amajyambere y'Igihugu. Tulifuza kandi ko programu z'ivugurura ly'amashuli zakorerwa mu bufatanye bwuzuye hagati ya Ministeri y'Uburezi, abalimu n'abandi bose bitaye ku mulimo w'Uburezi bw'Igihugu — cyane cyane abashinzwe amadini mu Rwanda.

Ibyo nibyo twiyemeje gukora mu myaka itaha. Kugira ngo bigerweho, ntibagiwe gushimira buli wese muli mwe, ndashaka



« Tulifuza kandi ko programu z'ivugurura ly'amashuli zakorwa mu bufatanye bwuzuye hagati ya Ministeri y'Uburezi, abalimu n'abandi bose bitaye ku mulimo w'Uburezi bw'Igihugu, cyane cyane abashinzwe amadini mu Rwanda. »

kubasaba mwese hamwe n'incuti za Republika y'u Rwanda, kurushaho kwuzuza iyo programu yo guha urubyiruko rwacu agaciro.

Ni ukubabwira, ba Militantes, ba Militants, ibyishimo n'ishema tuzagira, tubonye ko inyigisho za Mouvement yacu idutegeka gukora UMUGANDA imfashanyo ikaza ali inyuzuzo, zumviswe kandi zakulikijwe.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Izo mfashanyo zikomoka mu mahanga twifuza ko zaba nyinshi kandi zigatangwa neza, zaliyongereye muli uyu mwaka urangiye. Ibyo byatumye uyu mwaka wa 1979 udusigiye imishinga ishimishije, cyane cyane mu byerekeye imihanda, gukwiza umuliro w'amashanyaraza, za telekomunikasiyo, ubuhinzi no mu byerekeye guteza imbere amashuli.

Nongeye gusaba buli wese kwihutisha imishinga igamije gukura Igihugu mu bwigunge. Gushyira kabulimbo mu mihanda

Kigali-Butare-Akanyaru n'umuhanda uva i Kigali ujya mu Ruhengeri n'i Cyanika, bigomba gukorwa vuba, bakiga vuba ukuntu kabulimbo izashyirwa mu mihanda iva i GITARAMA ijya mu RUHENGERI no mu muhanda uva i CYANGUGU ujya ku KIBUYE kimwe n'imyanzuro y'ibyemezo byerekeye amafranga agomba gukora umuhanda uva i KAYONZA ugana i KAGITUMBA, n'umuhanda uva i BUTARE ugana i CYANGUGU n'uva i GITARAMA ugana ku KIBUYE. Ntiliwe nsobanura cyane akamaro k'iyo mihanda, biragaragara ko nimara kwuzura, izadufasha guhuza uturere, kandi n'ibintu dukenera bikazarushaho gukwizwa hose. Ndasaba no kwihutisha umushinga wo kwagura no gutunganya Ikibuga cy'indege cy'i Kanombe. Tugumya kandi gufatanya cyane n'ubutegetsi bwa Republika ya Tanzaniya, kugira ngo u Rwanda rubashe guhura n'imihanda ya Gali ya Moshi, tunyuze mu muhanda uva i KIGALI ujya ku RUSUMO umaze kwuzura n'umuhanda uhuza RUSUMO na ISAKA muli Tanzaniya, ubu ukorwa.

Uwa 1979 udusigiye kandi amasezerano mashya, bise LOME ya kabili, hagati y'Ibihugu bigize Umulyango w'Ubukungu w'u Burayi n'Ibihugu by'Afrika, Caraïbes na Pasifika.

Nongeye gushimira byimazeyo Ibihugu byose byiyemeje gukomeza kudufasha guteza imbere Igihugu cyacu. Abanyarwanda bishimiye ubwumvikane bwabaye mu nama zerekeye imishinga u Rwanda rwagiye ruhuliramo n'Ibihugu birufasha.

Ni ngombwa kwongera kwibutsa buli wese, ba Ministri n'Abayobozi b'imilimo, ko bagomba gukulikirana buli gihe imikorerwe y'imishinga bashinzwe. Twese tuzi ko haboneka ingorane zitubuza gutunganya imishinga yacu y'amajyambere. Aliko, Umukoresha wa buli rwego rw'imilimo agomba kugabanya izo ngorane arushijeho kugira umwete n'umurego.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Tunejejwe no kubona ko, mu myaka itandatu ishize nyuma y'italiki itazibagirana y'uwa 5 Nyakanga 1973, politiki yacu y'ububanyi n'amahanga itajegajega, ikaba igikomeje nk'uko twayitangiye. Dukwiye kwishimira umubano utagira uko usa Republika y'u Rwanda ifitanye n'Ibihugu bidukikije cyane cyane

umubano dufite mu Mulyango w'Ubukungu bw'Ibihugu Bikikije Ibiyaga Binini no mu Mulyango wo Gutunganya no guteza imbere Ibibaya by'Akagera. Turebe kandi ubucuti dufite bukomeye n'Ibihugu byo muli Afrika n'ibindi byose byo ku isi, kubera Ibihugu by'incuti twasuye n'abanyacyubahiro benshi twakiliye mu Rwanda, cyane cyane Nyakubahwa Prezida wa Republika y'u Bufransa GISCARD D'ESTAING na Madamu we, n'Abakuru benshi b'Ibihugu by'Afrika baje mu Rwanda muli gicurasi, Abanyarwanda badateze kwibagirwa.

Ba Militantes, ba Militants,

Mu nama Mpuza-mahanga, abantu barakomeza kwibutsa Ibihugu bikize kwongera umurego mu migambi yo gukwirakwiza ubukungu ku isi kugira ngo twese tunezerwe.

Imfashanyo kandi ntigomba gushingira ku mubano uli hagati y'abatanze imfashanyo n'abayihawe gusa, ahubwo igomba gutuma abafashwa bagera buhoro buhoro ku byo bakeneye. Hali abavuze bati: guha umushonji ifi yo kulya ni byiza, aliko kumwigisha kuyitunga no kuyirobera ubwe biraruta.

Twongeye kubabwira ko imfashanyo duhabwa n'amahanga idashobora gusimbura imbaraga zacu. U Rwanda ruzazamurwa n'abana barwo bose. Tugomba guhora twibuka ko ishingiro n'iherezo ly'amajyambere y'Igihugu cyacu ali ukugira ngo abagituye bamererwe neza. Nta kuntu rero bashobora kumererwa neza badafite ibibatunga bihagije kandi bya ngombwa. Mwibuke ko ali yo ntego ya mbere ya Plan y'Amajyambere y'Igihugu cyacu.

Iyo ntego tutayitayeho kandi ngo tuyigereho, abaturage bashobora guhagurukira amajyambere bate kandi bahora babunza imitima bashaka icyatuma baramuka? Kutagira ibyo kulya bihagije kandi bya ngombwa bidukurulira byinshi bizitira amajyambere, nk'indwara, ubujiji, ubugizi bwa nabi n'indi mico mibi.

Kugira ngo Abanyarwanda bashobore kulya bihagije, nta kindi biyambaza atali ubutaka bwabo. Tugomba rero, byanze bikunze, guhinga ku bulyo bwa kijyambere, tukareka imihingire yo hambere yali iberanye n'amasambu manini.

Nta gihe na kimwe Leta itashishikajwe n'icyo kibazo. Yitaye cyane ku bikorwa byo muli urwo rwego, nko kwongera umusaruro, kworora bya kijyambere no gutera amashyamba. Imishinga



« Tugomba kwivanamo igitekerezo cyo kugira inka z'umurato », zitameze nibura nk'iyi.

y'ingirakamaro y'ubuhinzi n'ubworozi yashyizweho hilya no hino mu Gihugu. Hali nk'umushinga wo mu Mutara, uwa BUGESERA na GISAKA-MIGONGO, n'imishinga yo gukwiza hose ubworozi bw'amatungo magufi, kimwe n'iyo kwongera ibihingwa ngandura-rugo.

Kandi rero ntabwo tuzatezuka. Hali indi mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi iteganyijwe mu minsi ili imbere izagilira rubanda akamaro. Aliko iyo mishinga ntacyo yatugezaho niba tutitaye ku butaka bwacu. Imbaraga zacu zose muli uyu mwaka dutangiye zigomba guhulizwa kuli iyi ntego yo gufata neza ubutaka.

Ba Militantes na ba Militants, kugira ngo tubatere inkunga muli iyo ntego, uyu mwaka w'1980 tuwise **UMWAKA WO GUFATA NEZA UBUTAKA.**

Twese rero duhagurukire kurwanya ibyangiza ubwo butaka. Turwanye isuli dukulikiza amabwiliza Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi izatugezaho, yo gufumbira, guhinga ibihingwa bikwi-

ranye na buli karere, gutera amashyamba no kugira urutoki rulinganiye kandi rudufitiye akamaro. Kuli ibyo byerekeye urutoki n'ubwo bamwe bakomeje kurwanya igitekerezo cyo kureka intoki zidafite akamaro, turasanga kwongera insina zivamo inzoga zikihalira ahahingwa hose bidindiza amajyambere kuko bituma umuntu adahinga neza imyaka yindi yali ashoboye gutera kuli ubwo butaka. Tugomba rero kwivanamo igitekerezo cyo kugira intoki zirambuye kandi zitadugitiye akamaro. Tugomba kwivanamo igitekerezo cyo kugira inka z'umurato. Tugomba kwivanamo igitekerezo cyo gutwika imisozi twibeshya ngo turatungenya inzuli. Abagifite ibyo bitekerezo bagomba kubireka kuko igihe tugezemo kidakwiranye nabyo. Bagomba kwemera ko urutoki rwihaliye isambu, kimwe n'inka z'umurato zigenda ku misozi yatwitswe kandi ntacyo ziyilishaho birushaho kwangiza ubutaka bwacu.

Umwaka w'1980 uzabe umwaka buli mu Militante na buli mu Militant kimwe n'incuti z'u Rwanda bazihatira kurwana ku mutungo wacu kamere ali bwo butaka.

Ntabwo umuganda wonyine wahaza kugira ngo dutunganye ubutaka bwacu. Tugomba guhora tubwitaho tukabuha igihe gihagije aho guta igihe kinini muli za kabali no mu masoko.

Dusabye dukomeje ba Burugmestri, Abajyanama, n'Abagize Komite za Selire kimwe n'abandi bose begereye umuhinzimworozi kumufasha kulinda no gufata neza ubutaka bwe. Twongeye gusaba abashinzwe kuyobora abaturage, kubaha urugero, bakulikiza amabwiliza y'impuguke mu by'ubuhinzi n'ubworozi. Abo bashinzwe kandi gutanga ayo mabwiliza basabwe kudatuma abahinzi-borozi babinuba kuko babaha amabwiliza nabo ubwabo badakulikiza. Amagambo siyo bakeneye, bakeneye ko baberekera ibyo babigisha.

Icyakora kurwana ku butaka bwacu ntabwo ali ibya Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi yonyine. Twese tugomba kubihagurukira.

Iyo ntego kandi ntabwo igomba kurangirana n'umwaka wa 1980. Tuzahora tuyitaho kuko igamije kutwinjizamo ibitekerezo bihuye n'igihe tugezemo. Ikindi kandi ni uko imigambi twagiye twiyemeza kugeraho buli mwaka itagomba kurangirana nawo.

Buli ntego igihe itaragerwaho tugomba gukomeza guharanira kuyigeraho tuyibangikanyije n'indi migambi twungutse.

Bamwe basabye Leta kubona igisubizo ku byerekeye urubyiruko rw'u Rwanda. Leta yerekanye bihagije ko igisubizo cyose cy'icyo kibazo kigomba guturuka mu gutsura za Coopératives. Twabyitayeho uko dushoboye, n'ubwo imbaraga zanze zikaba nkeya bwose. Ni nabyo dusaba buli wese, ufite uruhare mu gutsura amajyambere, mu nzego zose, cyane cyane abegereye abaturage. Nongeye guhamya ko amajyambere y'Igihugu ashingiye ahanini ku majyambere ya Komini, ali naho abaturage n'urubyiruko, bagomba kubonera ubulyo bwo kumererwa neza no guteza imbere Igihugu cyose.

Mboneyeho kandi kwibutsa akamaro k'amazi. Amazi ni isoko y'ubugingo. Ni ngombwa rero ko twashaka uko twakoresha neza amazi Imana yahaye u Rwanda rwacu, kandi abaturage bakigishwa ubulyo bwiza bwo gushaka no gukoresha amazi meza, kugira ngo barusheho kugira ubuzima bwiza.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Nk'uko twabibasezeranije, twiyemeje kuzashingira ubutegetsi kuli demokrasi mu Gihugu cyacu. Bityo muli uyu mwaka utangiye, tuzatora Abajyanama ba Komini, tunavugurure manda z'abagize Komite za Selire za Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda.

Nizeye ko muzatora mwese kandi ko muzihitiramo abayobozi babishoboye kandi b'abanyamurava, bitangiye amatwara ya Mouvement yacu kandi bashoboye kubakangura no gukoranyiliza hamwe ingufu zanyu kugira ngo muzamure Igihugu mu mahoro n'ubumwe. Dukomeje rero kubatera inkunga kugira ngo mwime amatwi abafite akalimi keza bakurura ubutiliganya n'inzangano, n'ababatatanya. Ahubwo muzumve ababatoza kwongera umusaruro, kugira ngo mwe n'abana banyu mubashe kubaho. Mwegere abo mubona bashobora kubafasha, mu muganda, gukora imilimo ifitiye akamaro rusange.

Mu gushyiraho inzego zose zuzuza demokrasi mu Gihugu cyacu hakazaba hasigaye ishingwa ly'Inama Iharanira Amajyambere y'Igihugu igomba kuzashyirwaho muli iyi manda tulimo.

Ba Militantes, ba Militants,

Kuba tudasiba gutera intambwe muli iyo nzira y'amajyambere, kuva Republika ya II yashingwa, tubikesha ituze, ubwumvikane n'umutekano byiganje mu Banyarwanda bose. Tubikesha kandi n'Ingabo z'u Rwanda.

Muli uyu mwaka w'1980 aliwo umwaka wa 20 Ingabo z'u Rwanda zimaze zishyizweho, nsabye abo dufatanyije uwo mulimo, gukomera kuli disiplini, idatezuka, kugira ngo Abanyarwanda barusheho kugira amahoro no kubizera.

Nongere kandi kubwira Ministeri y'Ubucamanza n'abayobozi bose bashinzwe ubucamanza ko, ku byerekeye ubwo butabera bakwiye guhora bazilikana, bagomba gukoresha ubwigenge bahabwa n'itegeko, kandi bakadufasha gukwiza ubutabera n'umutekano mu Banyarwanda, ibyo bakabigezwaho na disiplini n'umurava bizira amakemwa. Turabasaba rero kuba maso kugira ngo badateshuka ku byo basabwa n'akazi kabo kandi bace imanza mu bwigenge no mu kuli. Republika ya II yavuguruye igitabo cy'Amategeko ahana kizatangira gukulikizwa kuva ejo kuwa mbere mutarama 1980, kugira ngo ibafashe kurangiza neza akazi kabo; ni nayo mpamvu yatangiye gusubira mu gitabo cy'Imitunganyilize n'Imikorere y'Inkiko, ikuramo ibilimo byose bitagihuje n'igihe tugezemo.

Muli uyu mwaka ushize, bamwe bamaganye akarengane gakorerwa mu nkiko ngo ku mugaragaro. Ndibutsa abacamanza b'inzego zose babikora, simvuga ko ali bose, amagambo mperutse kuvuga mu ifungura ly'Inama y'Abacamanza, mbabwira ko Itegeko-Nshinga liha ishami ly'ubutegetsi bakoramo, ububasha bwo «kulinda uburenganzira n'ubwigenge bya buli muntu no kubyubahiliza mu bulyo buteganywa n'itegeko».

Nongeye kandi gusaba abategetsi n'abakozi bashinzwe za gereza gufata bya kivandimwe abafunzwe kuko igifungo cyabo nta kindi kiba kigamije atali ukubarera.

Niyo mpamvu nongeye kwibutsa itegeko nahaye Ministeri y'Ubucamanza, lyo gukoresha abafunzwe, kugira ngo umulimo wabo utume bagilira Igihugu akamaro kandi utume nabo bagira icyo bizigamira cyazabafasha, bamaze gusohoka muli gereza.

Ntibikwiye ko ikulikizwa ly'ilyo tegeko lyazahora lyigizwayo, nk'uko byagenze kugeza ubu.

Bacamanza rero namwe Bakozi b'Inkiko, mugire umwete, kugira ngo ubutabera buganze mu Gihugu cyacu. Twizeye ko umwete Leta ifite, mu kubajijura, mu kubahugura, mu kuvugurura amadosiye yanyu no gushyiraho ingereko nshya z'Inkiko, kugira ngo mwegere abaturage, ibyo byose bizabahesha ishema mu kazi kanyu, bikabatera kwiyongera mo umurava.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Dushimishijwe n'uko mu mwaka ushize, Ministeri y'Ubucamanza, ifatanyije na Ministeri y'Imali, yarwanyije abasahura umutungo wa Leta. Turashaka ko icyo gikorwa cyakomeza, ku muntu uwo ali we wese waba warasahuye Leta. Turasaba ko ibyo byajyana kandi no kwishyuza imyenda ya Leta no kwinjiza imisoro. Niyo mpamvu tugomba gushyigikira ababishinzwe, ngo batadohoka cyangwa se ngo basubire inyuma imbere y'abo bazobereye mu binyoma n'ubusambo, bashaka gukira bikubira imali yagenewe rubanda nyamwinshi.

Ndongera no kwibutsa Ministeri y'Imali na Ministeri y'Ubukungu n'Ubucuruzi, zifatanije na Banki Nasiyonali y'u Rwanda, kuguliza amafranga nta bulyamirane, no gushyiraho bidatinze politiki yo kwinjiza mu Gihugu ibicuruzwa bya ngombwa mu majyambere kandi bigenewe abaturage nyamwinshi.

Kandi habe umurava mu bagenzuzi b'ibiciro, bakomeze kurwanya izamurwa lyabyo.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Kuko uturere twose tugomba kwisungana, ndongera gusaba Ministeri y'Amaposita na Komunikasiyo, ifatanije na Ofisi Ishinzwe Gutwara Abantu n'Ibintu, kuzuza programu yacu yo kwegereza abaturage ibibatwara. N'ubwo tuzi ko ibyo bisaba amafranga menshi, ntitwakwemera ko uturere tumwe dutereranwa, ngo twibere aho nta kiduhuza n'utundi. Abashinzwe iyo Ministeri bagomba kwita kuli icyo kibazo cy'ingenzi, kandi bafatanyije

na Jandarumeri y'Igihugu, bagomba gushyiraho n'ubulyo bwemewe bwo kugendera mu modoka z'abikorera ubwabo, aliko bakita ku mutekano n'ubuzima bw'abantu.

Abakozi ba Leta nabo nibiyongeremo umurego n'umurava ku kazi kabo. Ndasaba cyane cyane abaganga kurushaho kwita ku mulimo wabo. Twafashe ibyemezo bimwe bizabafasha mu kwitangira akazi bashinzwe, nk'amategeko agenga ubucuruzi bw'imiti, no kubashakira amacumbi y'ubuntu. Twemeye kandi ko umuganga uzaba yujuje ibyemezo bizashyirwaho na Ministeri y'Ubuvuzi, yakwemererwa akavura yikorera ku giti cye. Nizeye ho ibyo byose bizatuma, dutera indi ntambwe mu gushakira Abanyarwanda icyatuma barushaho kubaho neza.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Tuboneyeho umwanya wo kwibutsa ko umwaka w'1980 ali umwaka ubanziliza uwa nyuma wa Plan yacu y'Amajyambere. Turakeka ko uwo mwaka ali wo abashinzwe gutegura no gukora iyo Plan bagomba gutangira kugaragaza ibyagezweho, gukosora ibigomba gukosorwa no gutegura ibizakulikiraho. Turasaba rero Ministeri ya Plan kuba maso, cyane cyane muli uyu mwaka, ikamenyesha izindi za Ministeri ibyakozwe nabi n'ibitakozwe, irebye ubulyo iyo Plan yagiye ikulikizwa.

Twizeye rero ko iyo Plan nirangira tuzishima, kuko tuzaba twarakulikije ijambo lya Mouvement yacu idutegeka «kutazongera na limwe gusubira nta mpamvu mu byo twiyemeje no gukorana umwete, tugamije imbere amajyambere y'Igihugu ahuje n'uko tubyifuza, n'uko ubuhanga bungana, nk'uko natwe twiyumvamo ko tubigomba, nk'uko mbese twiyemeje kwizahura ubwacu mu bukene bwose, ali mu muco, mu bukungu no mu bitekerezo».

Nzi neza ko inzira y'Amajyambere ikili ndende. Haracyali byinshi bigomba kwongerwa ku byo Abanyarwanda bashoboye kwigezaho. Muli byo kandi hali ibyihutirwa kurusha ibindi: buli Ministeri ifite ibyo inshinzwe nk'uko biteganijwe muli programme yatanzwe kuwa 8 mutarama y'uyu mwaka turangije. Bamwe kandi, tuzi neza ko bifuza nabo amajyambere nyakuli y'u Rwanda

rwacu, baherutse kwibutsa mo bimwe Abanyarwanda bose bagombye kwitaho mbere y'ibindi. Dushimira buli gihe abita bose ku byakwihutisha amajyambere y'Igihugu. Twongere aliko twibutse ko ayo majyambere atazatangwa n'imbaraga z'umuntu umwe, cyangwa se na Leta gusa. U Rwanda rugizwe na twe twese, uko buli wese ameze, ibyiza bimuranga n'ibidatunganye bidashobora kubura ku bantu. Twebwe twese rero, Abanyarwanda, abahinzi, abakozi bandi, abashinzwe ibya politiki, abashinzwe ubwiza bwa roho, twese nitwe dushinzwe amajyambere nyakuli, tukubaka u Rwanda rurangwa n'amahoro, n'ubutabera, u Rwanda rurangwa n'ubwizere n'ishema ly'abarutuye bose.

Ba Militantes, ba Militants ba Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda,

Ni ibyo umwaka w'1979 udusigiye, ngibyo kandi ibigomba gukorwa mu majyambere y'iki Gihugu, mu mwaka w'1980, **umwaka wo gufata neza ubutaka.** Nishimiye kwongera kubifuliza umwaka mwiza w'amahoro, w'amahirwe n'uburumbuke. Nkaba kandi nifuza ko ibikorwa by'Abanyarwanda twese byafasha u Rwanda gutera indi ntambwe mu majyambere no mu gushaka amahoro, ubutabera n'ubutwererane hagati y'Ibihugu.

MURAKABAHO.

Kigali, kuwa 31 Ukuboza 1979



« Twese rero duhagurukire kurwanya ibyangiza ubwo butaka. Turwanye isuli dukulikiza amabwiliza yo gufumbira, guhinga ibihingwa bikwiranye na buli karere, gutera amashyamba no kugira urutoki rulinganiye kandi rudufitiye akamaro. »



ik 14160 — 2.80 — 5000

« Ndabibutsu ko amahoro, ubumwe n'ubwumvikane alizo nkingi z'ibikorwa byacu. Ndifuliza abafite umutima mwiza bose gucengerwa n'izo ntego. Bityo, isi izarusheho kuba nziza, abantu barusheho gufatanya, kwumvikana no kwumva ko ali abavandimwe. Niyo mpamvu nifuza ko uyu mwaka uje, wabera isi yacu intangiliro y'igihe cyiza cy'amahoro n'ubwumvikane, abantu bakareka kwangana no kulyana. »

« La paix, l'unité, la tolérance restent, faut-il le rappeler, les piliers de mon action. Je souhaite à tous les hommes de bonne volonté d'en être imprégnés et de contribuer ainsi à l'avènement d'un monde où règnent plus de cohésion, de dialogue et de fraternité. C'est dans cet esprit que mon Gouvernement ne se lassera jamais, quant à lui, de dénoncer vigoureusement toutes les entreprises perfides de haine, de division et de décrier les méfaits de la discrimination raciale et de l'exploitation. C'est pour apaiser cette soif de la justice, que nous ferons entendre notre voix tant qu'il y aura encore dans le monde des populations qui n'auront pas recouvré leurs droits fondamentaux à la liberté et à l'autodétermination et tant que subsistera, l'exploitation des faibles par les forts.

Aussi, je souhaite que l'année qui s'annonce, débute, pour notre planète, une ère de paix et de concorde, exempte de haine, d'intransigeance et d'intolérance. Qu'elle soit l'année où triomphent la liberté sur l'oppression, l'amour sur la haine, le dialogue sur l'affrontement. »